




IGITABO CY'URUKUNDO

# IGITABO CY'URUKUNDO

MUTAGATIFU TEREZA  
W'UMWANA YEZU



UBUTUMWA  
BWAKIRIWE NA  
Sr MARCIANE  
08 MATA 2023



**COPYRIGHT 2023 MONAKI**  
Tous droits réservés.



## IGITABO CY'URUKUNDO

### Ingingo z'igitabo cy'Urukundo

MUTAGATIFU TEREZA W'UMWANA YEZU : IGITABO CY'URUKUNDO .....	3
INTANGIRIRO .....	3
1. KUMENYA GUKUNDA NO KUBAHO MU RUKUNDO BIJYANA NO KWICISHA BUGUFI NO KOROSHYA.....	17
2. GUKUNDA NYAKURI GUKOMOTSE KU MANA KUJYANA NO KWITANGA NO GUTANGA .....	26
3. YEZU KRISTU, SOKO Y'URUKUNDO MU ISI N'IMBABAZI ZIFUNGURA IJURU .....	32
4. URUKUNDO NI UMUTI UKIZA KURI ROHO NO KU MUBIRI	43
5. NI IGIHE CY'UBWAMI BWA YEZU KRISTU NA SE MU ISI BWUBAKIYE KU RUKUNDO, AMAHORO N'IBYISHIMO .....	56
UMWANZURO .....	65



IGITABO CY'URUKUNDO

## **MUTAGATIFU TEREZA W'UMWANA YEZU : IGITABO CY'URUKUNDO**

**Tariki 08 Mata 2023.**

### **INTANGIRIRO.**

Urukundo ni ijambo rizwi na bose, kandi urukundo ni imbaraga zaremanwe ikiremwa muntu kandi, zikaba imbaraga zikomoka mu bubasha bw'Imana isumba byose, kuko Imana ari urukundo kandi n'ibyoyahanze bikaba urukundo muri yo, kuko nta na kimwe Uhoraho yahanze kitari mu rukundo, kandi nta na kimwe Uhoraho yabeshejeho atabigiriye urukundo, kuko uwo udakunda ntumwifuriza kubaho, kandi uwo udakunda ntumwifuriza icyiza, ahubwo iteka Mwene Muntu ahora amushyira inyuma y'umurongo w'ibyiza bye, kandi agahora amwigizayo mu buzima bwe, bitewe n'uko urukundo rwa Mwene Muntu ari ruke, kandi urukundo rwa Mwene Muntu rwahagijwe urwango n'umwanzi, kandi rukanduzwa n'umwanzi.

Uhoraho rero ni urukundo muri byose, kandi Uhoraho akaba imbaraga mu gukunda, kandi akaba koko umuyoboro nyawo w'urukundo rushyitse ku wemeye kurwakira, kuko urukundo rw'Uhoraro rujyana n'imbaraga kandi rukajyana n'ububasha bukomeye buyobora mu kwemera no kwizera, kuko ukunda by'ukuri kandi ukunda urukundo ruturuka mu Mana Data, yizera akemera koko ko icyo akunda kandi ko uwo akunda ashoboye byose kandi ari byose mu buzima bwe.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Uwahawe rero urukundo rukomotse ku Mana akarwakira, akarwumva, akarunyungutira, akarwuza kandi akongera akarucurura, agahora iteka arusonzeye, uwo nguwo urukundo agabirwa kandi urukundo ahabwa ruba rufutse kandi ruba rusendereye rwuzuye ubuziranenge bukomoka mu Mana Data, kuko ariyo rukundo rusa rusa, urukundo rutagira ikizinga kandi urukundo ruzira amakemwa, rutirarira, rutarondera akari akarwo kandi rutanangira, kuko urukundo rw'Imana rwirekura kandi rukisanga muri byose, kuko rwibona muri buri kimwe cyose Imana iba yarahanze.

Uwagize amahirwe rero kandi agasonzera urukundo raturutse ku Mana nzima, rutari urukundo rwa Mwene Muntu kandi rutari urukundo ruvugavanze Uhoraho yari yararemeye Mwene Muntu; bityo akaruhindanya akaruvugavanga n'ibindi bya Sekibi, maze urwari ishusho y'Imana nyakuri rugata agaciro kandi rugata umuyoboro n'umurongo rwagombaga kugenderaho mu buzima bwa Mwene Muntu, mu kumuha amahoro no mu kumuzanira ibyishimo bihoraho.

Niyo mpamvu rero uwakundiye muri Uhoraho kandi agahabwa urwo rukundo akarwakira, akamenya ko isoko nyakuri y'urukundo rw'ubuzima raturuka mu Mana yahanze byose, uwo nguwo uwabimenye kandi akabyakira muri we, iteka urwo rukundo rumubera inzira nyakuri kandi rukamubera inzira imufasha gusenderezwa ubutungane kandi imufasha gusenderezwa ibyiza by'Ijuru ; kuko uri mu rukundo rw'Imana



## IGITABO CY'URUKUNDO

iteka ahora yirekuye, ahorana ibyishimo n'amahoro; ntabwo ahutaza umugeze imbere kandi ntabona umuri imbere mo ikibi, ntabwo urukundo rukomoka mu Mana rujyana nicarubanza, ahubwo rujyana n'ubutabera, kandi rukajyana n'imigisha Mwene Muntu ukunda aba yifuriza mugenzi we.

Uwahawe rero urwo rukundo kandi akarwakira kuko Imana irufungurira bose kandi yaruremeye muri buri wese, ariko imbaraga zo kurwakira kuri Mwene Muntu, ndetse n'imihibikano y'Isi igatuma ruta agaciro kandi igatuma ruta isura rwaremanwe kuri Mwene Muntu; bityo igahindanwa kandi ikanduzwa nk'uko Isi yafashe Yezu Kristu mu rukundo yayizaniye kandi mu byiza yazaniye Isi; bityo bakamufata bakamuhindura urw'amenyo, bakamuhindanya isura ye y'urukundo kandi indoro ye y'urukundo, bakayitegeza igisiga kandi bakayitegeza ikibi; bityo urwari urukundo rwe kandi ibyari ibyiza muriwe, Mwene Muntu ashaka kubihindanya ariko ntibyataye agaciro kandi Yezu Kritisu ntiyahwemye gukunda kugeza k'umunota wa nyuma, kabone n'aho ibisiga kandi ab'Isi bamushotse bakamutegeza inyamaswa, kandi bakamutegeza ibimugirira nabi, kuko urwo rukundo ntirwigeze ruta isura, kandi ntirwigeze ruhindana, kuko ari urukundo kamere rw'Imana, kandi koko akaba ari ubuzima nyakuri bw'Imana.

Urukundo rero nyakuri kandi urukundo rwubakiye kuri Uhoraho ni ubuzima muri Uhoraho, kandi ni ubuzima bufasha Mwene Muntu mu kubaho muri byose, mu kubaho mu nzira zose,



## IGITABO CY'URUKUNDO

izigoye, izoroheje, zose urukundo rukahamutambutsa kandi urukundo rukamushoboza byose nta kimubereye inzitizi kandi nta kimubereye imbogamizi.

Urukundo rero rukomoka mu Mana ni urukundo rusukuye, ni urukundo ruzira ikizinga, ni urukundo rw'imbaraga kandi ruhora rwerekeza Mwene Muntu aheza, rukamushoboza byose kandi rukamutambutsa byose, kuko nta kimutera ubwoba, nta kimukangaranya, kuko uri mu Mana kandi uri mu rukundo rw'Uhoraho, ahorana imbaraga, agahorana ibyishimo, iteka akiyumvamo amahoro, kandi akayabiba mu bandi, kuko urukundo ari amahoro n'ibyishimo.

Urukundo rero ni irembo ry'ubutungane nyakuri, kandi urukundo ni irembo ry'umusabano wo gusabana n'ijuru, ndetse no gusabana na mugenzi wa buri wese, kuko ufite urukundo iteka rumuzamura ku Mana, kandi rukamugarura muri bagenzi be; bityo akifatikanya na Yezu mu gutwara umusaraba, kandi akifatikanya na Yezu mu kwakira imibabaro yose, kuko utakwakira imibabaro ngo uyiyumvishe kandi uyicengeze mu buzima bwawe udafite urukundo rushyitse, kandi udafite koko gukunda nyako n'ukwemera ko ibyo uhuriye nabyo mu rukundo ari byo bigufasha kwizera no gukingurirwa izindi mbaraga zikomeye.

Kubaho rero mu rukundo bijyana n'ukwemera kandi bikajyana n'ukwizera nyako, kuko arizo mbaraga nyakuri kandi arizo mbangikanye nyabutatu zifasha umuntu mu kubana n'Imana



## IGITABO CY'URUKUNDO

kandi zikamufasha kutadandabirana, kuko aba ashyigikiwe nka ya nkono iteretse ku mashyiga atatu, kandi iteretse koko aheza; bityo ikemera igashya kandi ikemera igakora byose kugira ngo ifashe abandi mu kubaho kandi no gushyigikirwa.

Rero urukundo ni imbaraga kandi urukundo ni ubuzima, kuko ufite urukundo kandi uwicariye ku rukundo akagira ukwemera n'ukwizera, icyo bateretseho cyose kiba gishyigikiwe kandi kiba gikomejwe.

Urukundo rero ni imbaraga nyakuri kandi urukundo ni ububasha buturuka mu Mana, kandi ni imbaraga zitavogerwa z'ububasha bw'Imana kuko ufite urukundo yiyumvisha kandi akuzuzwamo ubusendere bw'ububasha bukomoka ku Mana kandi ubusendere bw'Imbaraga zikomoka ku Mana, kuko uri mu rukundo aba yujuje byose kandi uwavomye urukundo mu Mana, uwo nguwo isoko ye ntikama kandi isoko ye ntitobamwa, kuko imbaraga z'abatagatifu twese, kandi imbaraga z'ububasha bw'Imana mu bamalayika, ndetse no mu byaremwe byose zisanga muri uwo muyoboro, kandi zigahora iteka zuzuza uri muri urwo rukundo ububasha bukomeye.

Niyo mpamvu rero urukundo rwabaye inzira kubemera kandi rukaba inzira y'abemera kwitanga, abemera guhara ubuzima bwabo, abemera gusiga byose kuko ntawasiga byose adafite urukundo, kandi adafite icyo arutishije ibyo ngibyho asize, kandi adafite icyo arutishije icyatumye yishyira mu bubabare bukomeye. Niyo mpamvu rero gukunda bikingura umutima,



## IGITABO CY'URUKUNDO

kandi gukunda bigatanga ibyishimo bihoraho, kandi bigakingura ubuzima bw'iteka.

Abafite rero umutima ukunda kandi abakunda by'ukuri byuzuye nibo bizahirwa mu Mana kandi nibo babona ububasha bw'Imana igihe cyose, kuko nta na kimwe kibakoma imbere nta na kimwe kibahutaza.

Urukundo rero ni intangiriro yo kubaho mu Mana, kandi urukundo ni imbaraga zo kubaho mu Mana, kuko ufite urukundo ntanwirwa gukorera Imana kandi ntanwirwa kuyikurikira, kuko aho anyujijwe hose kandi ibyo anyuzemo byose aba azi ko ari urukundo rumuhamagara, kandi akaba aziko aziko urukundo ari rwo rugomba kumushoboza byose kandi rugomba kumutambutsa hose.

Niyo mpamvu rero urukundo ari urufunguzo, kandi urukundo rukaba inzira nyakuri yo gufungurirwa ububasha bw'Ijuru kandi yo gufungurirwa imiryango y'Ijuru, kuko urukundo ari rwo rwatsinze byose, kandi urukundo akaba ari rwo rwatumye intumwa za Yezu Kristu zimukurikira, zikarambika byose, zigasiga byose, zikemera kumukurikira zitakitaye ku bya mbere, kandi zitakitaye ku byazihaga agaciro mu bantu, ndetse n'ibyzihaga icyubahiro mu bantu, ahubwo bemera ko uwo bakurikiye koko kandi ububengerane bwe bwabakururaga; bityo bigatuma bamukurikira bamwizeye kandi bamwumvamo imbaraga zikomeye, kuko bari bahagaze bakomeye bumva ubwo bubasha bw'urukundo kandi bumva izo mbaraga





## IGITABO CY'URUKUNDO

z'imisusire yaturukaga muri Yezu Kristu n'imirasire ijyana mu rukundo kandi iyobora mu byishimo, byatumaga intumwa zitakitekerezaho kandi zitakiyibuka, ahubwo zita byose kandi zisiga byose zihambira kandi zizirika kuri Kristu Nyagasani kugirango azibere urutare zegamiye, kandi azibere koko umurwa ucinyiye bagombaga gukirizwamo kandi koko bakiriyemo, bakaronka iby'Isi itashoboraga kubaha kandi bakaronka ibyishimo bikomeye byatumaga baca mu mibabaro yose kandi bigatuma bahumuka mu buryo bwose maze bakizihira Imana kandi bakayikorera ntacyo bayibakinganyije nacyo.

Uwahawe rero urukundo ntaba akitekerezaho, kandi uwahawe urukundo ntaba akireba wenyine, ahubwo areba Isi yose, kandi akareba icyaremwe cyose mu bubasha bw'Imana Data, kandi icyaremwe cyose m'urukundo rw'Imana.

Uhoraho rero yagiye akingurira abantu imiryango y'Urukundo rwe kandi akabaha koko urwo rukundo rukomoka kuri kamere ye kandi rukomoka ku byiza bye, kuko uwo yarembuje kandi uwo yakinguriye urwo rukundo ni wa muntu koko urusonzeye kandi ni wa muntu wifitemo inyota yarwo, kabone n'aho yaba atabyumva muri we, ariko haba hari imbaraga z'urukundo ruri muri we, n'ubwo imihahabikano yaba ari myinshi mu Isi ituma atabona, kandi atakira iyo mirasire y'urwo rukundo rw'Imana, ariko haba hari igihe kigenwe kitagomba kurenga cyo kugira



## IGITABO CY'URUKUNDO

ngo atuzwe mu rukundo, kandi amenye koko ibyo byiza bikomoma mu rukundo rw'Imana.

Urukundo rero rw'Imana kandi urukundo rw'Ububasha bw'Imana rujyana no kwibona muri mugenzi wawe, kandi rukajyana no kwibona mu bavandimwe ndetse n'inshuti, mu kwemera kuba umugaragu wa bose kandi mu kwemera gucishwa bugufi no kwiyoroshya, kuko urukundo rujyana n'ubwiyoroshye, urukundo rukajyana n'ubugwaneza, rukajyana n'imigenzo myiza yose, kuko ishamikira ku gukunda kandi ukunda iteka ajyana no kubaha kandi ukunda ajyana iteka no kumvira, kuko nta kintu na kimwe ashobora gukora atabigiriye ukumvira uwo akunda, kandi atabigiriye kubaha uwo akunda kandi uwo yashyize muri we.

Niyo mpamvu rero urukundo rujyana n'ubuzima bwa mugenzi wa buri wese, kandi rukajyana n'ubuvandimwe mu bantu, kuko ukunda akikunda kandi ahagora iteka ahunza abandi umusaya, ntabwo aba afite urukundo rwuzuye rw'Imana kandi ntabwo aba yaravomye ku isoko y'ububasha bw'urukundo rw'Imana, kuko ububasha bw'urukundo rw'Imana bujyana no gutegeka kandi bukajyana n'ukumvira; bityo aho rukwerekeje ukahasanga umusaruro kandi aho rukwerekeje ukahasanga ibyiza bikomeye; bityo ukavoma kandi ukavoma wishimye.

Niyo mpamvu rero urukundo rw'Imana rujyana n'umusabano w'abavandimwe, kandi rukajyana n'ubwiyoroshye mu bandi, ubwicishe bugufi mu kutareba no kutagenzura abandi, ahubwo



## IGITABO CY'URUKUNDO

ukababonamo iteka ishusho y'ububasha bw'Imana, kandi iteka ukababonamo koko ubwiza bw'Imana, kuko nta kintu Uhoraho yahanze kitari mu rukundo rwe, kandi yahanze atambitse iyo misusire y'urukundo rumukomokaho; cyane cyane Mwene Muntu yahaye ubwo bwiza bwe, kandi akamuha iyo misusire ye, akwiriye kubonamo mugenzi we ubwo bubasha kandi iyo misusire y'urukundo rw'Imana.

Niyo mpamvu rero ukunda ntacyo abona cyanduye, kandi ukunda ntacyo abona kiboze, kuko urukundo rusanga ibyo byose, kandi urukundo rukinjira mu isayo kugira ngo ruhore abandi, kandi rumurikire abandi, kuko urukundo ari urumuri, kandi urukundo rukaba imbaraga zikomeye, urukundo rukaba ububasha bushyigira byose, kandi urukundo rukaba inzira koko y'ububasha bw'Imana mu bantu, kandi ububasha bw'Imana kuri buri kiremwa cyose.

Niyo mpamvu rero urukundo rujyana n'ukwemera, kandi urukundo rukajyana n'ukwizera, kuko ari imbaraga zimwe, kandi ari imbaraga ziherekeza koko urukundo, kandi zigashyigikirana muri byose.

Urukundo rero ntaho ruhezwa, kandi urukundo ntirwinjizwa koko ahari umwijima kuko ruhinjira rugiyeye kumurika kandi rukahinjira rugiyeye gukurayo ikibi kugirango gisukurwe kandi gitagatifuzwe.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Urukundo rero ni amahoro, kandi urukundo ni ibyishimo kuri bose ndetse no ku bemera, kuko nta na kimwe kitabamo urukundo mu biri ku Isi, kandi nta na kimwe kitabamo ububasha bw'Imana mu byo yahanze byose mu Isi.

Niyo mpamvu rero uwemeye gukunda akakira kandi akumva neza ububasha bw'urukundo rw'Imana n'uburemere bw'izo mbaraga, nta kimuvuna kuko iteka ahora ari muri ubwo bubasha kandi agahora atumbagiye iteka muri izo mbaraga, akamera nka ka kanyoni kibereye mu muyaga, kitemberera, kazenguruka, ntacyo bigatwaye, nta n'icyo bikabwiye, kadatekereza uburemere bw'umuyaga, kadatekereza ugusabayangwa, kajyanwa hirya, kajyanwa hino n'umuyaga, ahubwo kakumva ari byo byishimo byako, kandi kakumva ari wo munezero wako.

Uri mu rukundo rero rw'Imana ni izo mbaraga agenderamo, kandi ni ubwo bubasha agenderamo, bumujyana hose ntiyahagire icyo aba, kandi bukamuhagarika hose, ntiyahagire ikimukoma imbere n'ikimukanga, ahubwo imirasire y'urukundo igahita yifungura kandi ikigaragaza aho ahagaze kandi mu bo bari kumwe; bityo izo mbaraga zigakora byose, kandi zigahindura byose.

Urukundo rero ni izo mbaraga zitavogerwa, kandi urukundo ni ubwo bubasha bukomoka mu Mana Data, kandi ni ubwo bubasha bukomoka mu isura y'uburemyi bw'Imana, kuko Imana yaremeye buri wese mu rukundo, kandi ikarema buri



## IGITABO CY'URUKUNDO

kimwe cyose ibigiriye urukundo, kandi igashyiramo urwo rukundo rwayo.

Niyo mpamvu rero Mwene Muntu agomba kwitondera buri kimwe cyose Uhoraho yahanze, akakibonamo urukundo kandi akakibonamo ibyishimo by'Imana, kuko Imana yahanze byose kandi igakora byose; bityo ku munsu wa karindwi wo kuruhuka, kandi ku munsu wo kwitegereza ibyo yahanze, ikabibonamo koko ibyishimo bikomeye, kuko ibyo byishimo byaturutse ku rukundo yahanganye buri kimwe cyose, kuko icyo buri wese yakoze ahora iteka abona kimushimishije kandi kimunogeye.

Niyo mpamvu rero urwo rukundo Uhoraho yahanganye byose kandi ibyo byishimo byaturutse mu rukundo yakozemo byose ari narwo Mwene Muntu akwiriye kwiyumvamo, kandi ari narwo Mwene Muntu akwiriye gusarura, ni urukundo kuko urukundo rujyana n'ibyishimo, kandi urukundo rukajyana n'imbaraga zikomeye, zifungura byose, kandi zikamera nk'urumuri rw'izuba rurashe, kuko izuba iyo rirashe rirasira kuri buri bese, kandi aho rirasiye buri wese akaribona, kandi akaryakira, iyo mirasire ntigire uwo ihezwa kandi urwo rumuri rukomotse ku zuba ntirugire uwo ruhezwaho, buri wese akarwakira.

Niyo mpamvu rero buri wese uri mu Isi akwiriye kuba imirasire y'izuba kandi akaba imirasire y'urwo rukundo mu bantu, kuko nta na kimwe itatanze ibigiriye urukundo, kugira ngo Mwene



## IGITABO CY'URUKUNDO

Muntu anyurwe kandi ashimishwe na buri kimwe cyose gikomotse mu bubasha bw'Imana.

Niyo mpamvu rero Ntore z'Imana kandi bana b'Umusumbabyose, mukwiriye kumva imbaraga z'urukundo mu buzima bwanyu, kuko nta na kimwe kizabaho kitabayeho mu rukundo; byose bizashira, ariko urukundo rwo ntiruzashira; indimi zose zizazima, ariko urukundo ntiruzigera ruzima, kuko ari rwo rufunguzo rwa byose, kandi rukaba koko intangiriro y'ingabire zose zikomoka ku Mana, kandi rukaba koko imbaraga zifasha Mwene Muntu kubaho mu ngabire akomora ku Mana, kuko ufite urukundo atirata, ufite urukundo ntiyibona, ufite urukundo ntakandagira abandi, ntarenganya, ahubwo iteka akurura bose abinjiza muri we.

Niyo mpamvu rero urukundo ari intangiriro ya byose, kandi urukundo rukaba koko imbaraga za byose ku wemera Imana, kandi ku wakira byose. Rero niyo mpamvu buri wese akwiriye kumva iza mbaraga z'urukundo, kandi akarwakira muri we, kuko ari rwo rumufasha mu buzima bwo kuyoboka Imana, kandi rukamufasha mu buzima bwo gusenga atarambiwe, rukamufasha mu buzima bwo kuyoboka kandi no kuyobora abandi ku Mana atananiwe kandi atarambiwe, kuko urukundo rutarambirwa, kandi urukundo ntirwigera rurambika icyo rudasohoje, kandi icyo rutujuje neza.

Urukundo rero ni imbaraga kandi urukundo ni ububasha n'ubuzima bukomoka mu Mana Data, kandi rukaba koko



## IGITABO CY'URUKUNDO

imibereho nyakuri yo kubana n'Imana kandi no gusabana n'ab'Ijuru twese, kuko uri mu rukundo agira uwo musabano, kandi uri mu rukundo akumva izo mbaraga n'ibyishimo bihoraho mu buzima bwe bwa buri muni, kandi mu kwemera aba yambaye n'ukwizera, ntugire ubwo adohoka kandi ntugire ubwo asubira inyuma, ahubwo iteka agahora ajya mbere, iteka agahora agurumana buri muni kurushaho uwo muriro w'urukundo, kandi ubwo bubasha bw'urukundo butazima aho bwatashye, ahubwo burushaho kwiyongera umunsi ku wundi.

Ni izo mbaraga rero z'urukundo kandi ni ubwo bubasha bw'urukundo, kuko uwakunze amenya kubabarira, kandi uwakunze akamenya kwakira byose mu rukundo, nk'uko Yezu Kristu yakiriye byose, imibabaro n'ibyishimo, ntahore Mwene Muntu ukuba atamenya, kandi ukwiringagiza kwe, akemera no kubabara kugeza ku gitonyanga cya nyuma ku musaraba, ababarira abishi be kandi abasabira imbabazi.

Urukundo rero rubabara rubabarira, kandi urukundo rukakira byose, rukiringagiza byose, ahubwo rukabona ibyiza gusa, kandi rukabona ubujiji Mwene Muntu aterwa no kutamenya kubaho mu rukundo, kandi aterwa no kutamenya kwakira izo mbaraga z'urukundo mu buzima bwe.

Ni icyo gisobanuro rero cy'urukundo nyakuri, kandi urukundo rukomoka ku muremyi wa byose, urukundo rugomba kuba ishingiro ry'ubuzima kuri buri wese waremwe n'Imana, kandi kuri buri wese uri mu Isi, kuko buri kiremwa cyose kifitemo



## IGITABO CY'URUKUNDO

urwo rukundo rw'Imana, kandi kikigiramo ubwo bwiza bw'Imana, kuko urukundo ari ubwiza bw'umuremyi, kandi urukundo rukaba ibyishimo koko bikomoka mu muremyi wa byose, kandi mu mbaraga ze zose z'ububasha.





## IGITABO CY'URUKUNDO

### **1. KUMENYA GUKUNDA NO KUBAHO MU RUKUNDO BIJYANA NO KWICISHA BUGUFI NO KOROSHYA**

Ufite urukundo kandi utuye mu rukundo iteka ahorana ubwicishe bugufi muri we, kandi agahorana urukundo nyarwo koko muri we, rwubakiye ku bwicishe bugufi, kandi rwubakiye ku koroshya nyakuri, kandi ku koroshya nyako, kuko uri mu rukundo ntabwo arangwa no kwikuza, kandi uri mu rukundo warusomye kandi akarwumva, akumva koko rucengeye ubuzima bwe, kandi akemera iteka guhora yishyira mu mirasire y'urwo rukundo, iteka urukundo rumumanura hasi, kandi rukamuha guca bugufi muri we, rukamuha kwiyoroshya ubuzima bwe bwose, kandi kwiyoroshya mu mutima we, kuko nta bwikuze buzamo kandi nta kwiyemera kurangwa mu mutima we, ahubwo iteka hahora mu mutima we hafunguwe, kandi hagahora iteka hafunguriye urukundo rukomoka mu mirasire y'ububasha bw'Imana.

Uhoraho rero ni umutegetsi wa byose kandi ni umugenga wa byose, ni umunyabubasha kuri buri kiremwa cyose cyaremwe, kandi ni umunyembaraga kuri buri kiremwa cyose kiri mu Isi, ariko ubwicishe bugufi bwe n'ubwiyoroshye bukomoka ku rukundo akunda icyo yahanze kandi bikomoka ku rukundo akunda Mwene Muntu, bimuha iteka korohera Mwene Muntu, kandi bikamuha iteka koroshya kuri Mwene Muntu, kugira ngo atamuhutaza kuko ububasha bwe burenze byose, kandi



## IGITABO CY'URUKUNDO

ububasha bwe abugaragarije Mwene Muntu hari byinshi byahungabana, kandi hari byinshi byagorana kwakira kuri Mwene Muntu, kubera impamvu y'ububasha bw'Imana, kandi kubera impamvu y'imbaraga zayo, ariko urukundo ni rwo Uhoraho ashya mbere, kandi urukundo ni rwo rutuma Mwene Muntu yoroherezwa mu rugendo rwe; bityo yanacumura agahabwa imbabazi kubera ubwiyoroshye bw'Imana, kandi ubwicishe bugufi bwayo bwo kudahutaza icyo yaremye, kandi kudahungabanya icyo yaremye, kuko byose bikorerwa mu rukundo, kandi byose bigakorerwa mu mbaraga zayo zikomeye.

Ufite rero urukundo kandi kumenya gukunda nyakuri ni ukubaho mu bwicishe bugufi kandi ni ukubaho mu bwiyoroshye busendereye kuko ari byo bifungurira Mwene Muntu izindi mbaraga zikomeye kandi bikamufungurira indi migenzo myiza yo kubaho mu rukundo, kandi indi migenzo myiza yo kubaha, ukumvira ndetse no gutega abandi amatwi, kuko uciye bugufi kandi uwiyoheje nta n'umwe ashya inyuma y'umurongo, nta n'umwe ahutaza, kuko iteka ahora agenda aciye bugufi muni y'ibirenge by'Uhoraho, kandi iteka agahora ashaka gutega amatwi abandi no kubakira, bityo icyo abwiwe akisanisha n'ubuzima bwa buri wese, kandi akinjiza mu buzima bwa buri wese.

Udafite rero urwo rukundo kandi udatuye mu rukundo, kandi utagira ubwicishije bugufi ndetse n'ubwiyoroshye, uwo ntashobora gutega abandi amatwi kuko agendera mu birere,



## IGITABO CY'URUKUNDO

kandi agahora iteka atumbagiye hejuru adashaka ko hari uwamushyira muni, kandi adashaka ko hari uwamufataho ngo bagire icyo bavugana kandi bagire urugendo bakorana, kuko aba abona umufasheho kandi umukomyeho ari ukumukerereza no kumutesha igihe cye.

Niyo mpamvu rero uciye bugufi kandi uworoheje aba koko agaragaza urukundo rutuye muri we, kandi akagaragaza koko inzira y'urugendo arimo rwo kugana urukundo kandi rwo kwinjira koko mu ibango nyakuri ry'urukundo, ndetse n'ibanga ry'urukundo, kuko urukundo rujyana n'ubwiyoroshye kandi rukajyana no kwicisha bugufi gukomeye.

Kumenya gukunda rero bifungura indi migenzo kandi kumenya gukunda bifungura ingabirano nyinshi mu muntu, kuko hari byinshi urukundo rwigisha mu ibanga, kandi urukundo ni umwarimu wa byose mu ibanga ry'umutima w'umuntu, kuko urukundo ruzibura amatwi kandi urukundo rugahumura amaso, urukundo rugafungura imyumvo ya Mwene Muntu yose ndetse rugafungura imiyoboro y'ubuzima bwa Mwene Muntu kuri buri kimwe cyose, kuko ufite urukundo amenya ubabaye kandi ufite urukundo akamenya uwishimye bakishimana, ufite urukundo akamenya ushonje bagasangira, kandi ufite urukundo akamenya umwifuzza bityo akamwegera akamusanga, atagombeye ko bamusaba uburenganzira kandi bamukomangira kugira ngo bamwegere, kuko urukundo rwegera bose kandi urukundo rukegera buri kimwe cyose.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Urukundo rero nyakuri rugaragarira muri Yezu Kristu kandi rugaragarira muri Data, we wabonye ko Mwene Muntu atazi kwitekerezaho kandi atazi kumenya icyamukiza icyaha, kandi atazi kumenya icyamukura mu kugomera Imana, bityo Yezu Kristu, mu bwicishe bugufi ndetse no mu bwiyoroshye bukomeye, akemera gusiga ubwiza bwa Se, kandi akemera gusiga icyubahiro gikomeye yari afite mu Ijuru, ukuramywa n'abamalayika, kandi uguhora ashagawe n'imbaga y'abamalayika ndetse n'ibiremwa bituye mu Ijuru, bityo asiga koko ubwo bubengerane bw'ibizima bine, yemera kumanuka kandi yemera guca bugufi mu buryo bukomeye n'ubwiyoroshye, yigira umuntu kandi yambara kamere ya muntu, kubera urukundo kandi kubera gushaka gutanga urukundo ku bantu, kugira ngo buri wese akingurirwe, kandi buri wese abone iyo nzira, kuko yemeye guca bugufi mu buryo bukomeye kandi yemera kwiyinjiza mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo basangire byose kandi arusheho kumwinjiza mu rumuri, kandi arusheho kumwinjiza mu musabano we n'Imana.

Ni ubwo bwicishe bugufi rero bukomeye kandi ni urwo rugero ruri hejuru ya byose rwa Yezu Kristu kandi rwagaragariye buri wese mu Isi, kandi buri wese azi mu Isi, kuko Yezu Kristu yemeye gusiga byose kandi akiyambura byose mu buryo bukomeye bwo kumanuka, kandi bugaragaza koko gusanga bese kuko nta n'umwe ataje asanga mu Isi, yaba umunyabibembe, yaba uwatawe n'abantu, yaba wa wundi



## IGITABO CY'URUKUNDO

abantu bareba kandi bumva ko adakwiriye kubegera kandi bumva ko adakwiriye kubashyikira, kuko yabigaragaje byose mu rukundo rwe kandi akabigaragaza byose mu kwitanga kwe, aho yemeraga koko n'ukoze ku gishura cye ntamutererane cyangwa ngo amuhahane nk'abandi bami, ahubwo akamwiyegereza kandi ubwo bubasha bukamusohokamo, bityo buri wese umukeneye akamwumva kandi akamenya icyo amwifuzaho, kuko atigeze atererana uwakoze ku gishura cye, bityo amuha umukiro koko, kuko ububasha bukunda kandi imbaraga z'urukundo zijyana no gukiza, kandi imbaraga z'urukundo zikajyana no kurekura byose no guha bese icyo bakwifuzaho, kuko urukundo urufite kandi utuye mu rukundo aba akungahaye kuri byose kandi aba atunze byose, kuko nta na kimwe kiba kiri muri we kitari urukundo, kandi nta na kimwe atanga kitari urukundo.

Uwahawe rero urukundo rw'Imana ahora iteka yigengesereye, ntarukandagiza abandi kandi ntaruzamura ngo asumbe abandi, ahubwo iteka agenda aciye bugufi, kandi agenda yoroheje nk'utwaye akabindi koko kameneka ubusa, kugira ngo yorohere bese kandi yoroherenze bese kumugeraho, kuko ufite urukundo ari we mutunzi ukomeye mu Isi kandi akaba koko ari we mutunzi ukomeye kuri byose. Kuko urukundo nta kintu kitabonekamo, kandi urukundo nta migisha idakomokamo, kuko urukundo ruba ruri byose kandi urukundo rukakira byose, rugatanga byose kandi rugakungahaza bese muri byose.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Uwahawe rero urukundo aba afite umunani ukomeye kandi urushakashakana koko umutima utaryarya, kandi akarushaka mu bwiyoroshye n'ubwicishe bugufi, bitari ukurimangatanya kandi bitari ukuvangavanga, uwo nguwo araruronga kandi akarusenderezwa, akaruturamo, akarutuzamo abandi, agahora iteka afite umuryango ufunguye kandi agahora iteka afite imiyoboro ihembura bose, kuko aba ameze nka cya giti kivoma iruhande rw'umugezi, bityo amababi yacyo agahora atohagiye, ntagire ubwo arabirana kandi ntagire ubwo yuma, maze uje gushaka imbuto wese akayibona kandi akayibona no mu gihe cyo mu cyi, akayibona igihe cyose.

Niyo mpamvu rero uwahawe urukundo kandi uwarushakashatse akarugeraho akarusonzera, akamera nka ya mpala yahagira, uwo nguwo ashwirwa ari uko arubonye, kandi ntibwira koko atarubonye, nka wa mukungu wemeye gusiga ibye atunze, akagurisha byose, kuko yabonye zahabu y'agaciro, kuko yabonye ububasha bw'Imana n'urukundo rw'Imana; bityo agasubira iwe akanga akagurisha ibye byose kugira ngo asingire ubwo bukungu burushijeho kandi asingire koko ibyo byiza yarutishije ibyo yari afite.

Ubaho rero mu bwicishe bugufi no mu bwiyoroshye ni we koko ukunda nyakuri, kandi niwe wegera bose kuko ari we shusho nyakuri ibumbye ububasha bwa Yezu Kristu mu gusanga Mwene Muntu kandi mu kumusanganiza urukundo, kuko byose yabikoreye mu bwicishe bugufi kandi akabikorera mu



## IGITABO CY'URUKUNDO

bwiyoroshye, byose bibumbwe n'urukundo yakundaga Mwene Muntu kandi yari akunze Mwene Muntu, atamwifuriza kandi atamushakaho ko yarimbuka, cyangwa ngo yandagare ku musozi, bitewe n'icyaha; ahubwo aza gukiza bose kandi asanga n'abo abantu banena, kubera ubwicishe bugufi no kurenga imyumvire ya Mwene Muntu.

Uriho rero mu rukundo ntabwo aba akibereyeho, kuko aba yamaze kwisanisha na Kristu Nyagasani, kandi aba yamaze kwambara Kristu-Urukundo, bityo urwo rukundo rukamushoboza byose kandi rukamuha koko kubaho mu bwiyoroshye n'ubwicishe bugufibwo kwakira byose, kandi yewe atirengagije no kwemera kuba agasambi k'abandi bakandagiraho kandi bakotoroza ibyondo byose, bityo uvuye hehe na hehe akaza agakandagiraho, byose bikamunyura kuko aba azi imbaraga ari butange mu gufasha uwo muntu kandi nawe bikamuha koko kubona igikwiriye n'icy'ingenzi.

Urukundo rero rutanga byose kandi urukundo rukarekura byose, kuko nta na kimwe urukundo rutanga ngo kinanirwe kuzana inyungu, kabone n'aho Mwene Muntu yagikora mu rwango, yibwira ko ahemukira ukunda kandi umwakiriye mu rukundo, urukundo ruba imirasire y'izuba ryatse, bityo wa muntu akabona urumuri kandi akabona ko yari avogereye ahatavogerwa, akabasha kwakira rwa rukundo muri we, nawe hakagira igihinduka.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Nta na rimwe rero urukundo rukorera mu gihombo kandi nta na rimwe urukundo rukorera mu nyungu zarwo, kuko urukundo rukunda kandi rugatanga rwizeye ko icyo rukoze cyose kigomba kuzana koko umusaruro, kandi ko kigomba gufasha bose, mu kurekura ndetse no mu kwakira byose. Atari ibyo Yezu Kristu ntiyari kwemera kumanuka kandi ntiyari kwemera kuza mu Isi, kuko Lusiferi yari yarangije kwigaramba kandi yari yarangije kwanga ko atazaramya Imana yigize umuntu, ariko ibyo ntibyacyiye Yezu Kristu intege kandi ntibyamuhindishije umushyitsi, mgo yibaze ngo arava he ko n'abandimwe bari bari kumwe kandi abo basangiye ububengerane bw'Imana badashimye icyo ashaka. Ibyo byose yarabirenze yizera ko icyo agiye gukora kigomba koko kugirira benshi akamaro, kandi kigomba kwakira benshi nk'izuba rimuritse, bamwe bakabona umucyo kandi bakabona umukiro wabo, ibyo byose arabirenga.

Urukundo rero ntabwo rwita ku biruca intege kandi birudindiza kuko rukomeza inzira kandi urukundo koko rukajyana n'ukwizera gukomeye, n'ukwicisha bugufi muri ubwo bwiyoroshye, kuko byose Yezu Kristu yabikoze mu bwiyoroshye kandi akabikora mu bwicishe bugufi.

Niyo mpamvu rero uwemeye kwakira urukundo kandi uwemeye kwakira byose, nta na kimwe kimugonga kandi nta na kimwe kimudindiza, byose abicamo agatambuka, kandi agatsinda kakahava, kandi agatsinda uko bikwiriye.





## IGITABO CY'URUKUNDO

Uri mu rukundo rero ntatsindwa kuko ahorana intsinzi y'urumuri rw'Imana kandi agahorana intsinzi y'ububasha koko buturutse mu gukunda kandi buturutse mu kumenya gukunda nyakuri no kubaho mu rukundo, bityo bikajyana koko na bwa bwicishe bugufi, butuma atarambirwa kandi butuma ahora iteka azi ko hari umufasha kandi hari umushyigikira mu kubona imbaraga kuko uciye bugufi iteka aba azi ko ntacyo ashoboye, azi ko byose abiteze ku bamurushije imbaraga kandi kubamuri hejuru. Niyo mpamvu rero urukundo rujyana no guca bugufi kandi rukajyana no kwiyoroshya gukomeye, kugira ngo ubusabe bw'ufite urukundo kandi ubusabe bw'uri mu rukundo asaba Uhoraho kandi asaba Ijuru ryose, bityo agahabwa imbaraga za buri muni kandi agahabwa ububasha bwa buri muni bumufasha muri byose kandi bumukomeza muri byose.

Kumenya rero gukunda nyakuri kandi no kuba mu rukundo bijyana no kwicisha bugufi no koroshya gukomeye muri bagenzi ba Mwene Muntu kandi mu bavandimwe be, kuko ukunda agomba korohera abavandimwe be, kandi agaca bugufi iteka, kugira ngo koko agaragaze ubutunzi atunze, kandi agaragaze urukundo nyakuri kuko urukundo rudahutaza, kandi urukundo rudakandamiza, ahubwo rwakira bose kandi rugafungurira bose mu kuri, mu bwicishe bugufi n'ubwiyoroshye.



## IGITABO CY'URUKUNDO

### **2. GUKUNDA NYAKURI GUKOMOTSE KU MANA KUJYANA NO KWITANGA NO GUTANGA**

Urukundo rw'Imana Umusumbabyose ni urukundo rushoboye byose kandi ni urukundo rushoboza byose, ni urukundo rwagiye rufasha benshi kandi rwagiye rugoboka benshi mu batagatifu kuko nta na kimwe twakoze tudakoreye mu rukundo rw'Imana, kandi byagiye bidufasha kugera ku ndunduro y'ubuzima bwacu neza, mu kwirekura kandi mu kwemera gusiga byose no kwemera guhara byose kugira ngo ubwami bw'Imana bwamamare, kandi ubwami bw'Imana bumenyekane, kuko hari byinshi bwagiye budusaba kubera urukundo; bityo hakabaho koko kwitandukanya kandi hakabaho koko kwitanga mu buryo bukomeye, kugira ngo icyo Data yashakaga kugaragaza mu Isi kandi yashakaga kumenyekanisha mu Isi, no kwigisha no gushinga imizi kibashe kugerwaho kandi kibashe kumvikana.

Urukundo nyarwo kandi no gukunda nyakuri bikomotse ku Mana bijyana no kwitanga gukomeye, kuko uri mu rukundo yitanga wese ubwe, kandi akirekuriraho Imana nk'igitambo nyabuzima, kandi igitambo gishimwa n'Uhoraho, bityo koko akaba igitambo kirokora abandi kandi akaba igitambo gikiza abandi.

Ntabwo rero Mwene Muntu kandi ababaye mu Isi, uburyo bwo kwitanga kandi bahawe imbaraga z'ubutagatifu kandi



## IGITABO CY'URUKUNDO

bagahabwa uwo murage muri Yezu Kristu, byakomotse mu kwemera kwitanga kandi mu kunyura aho Yezu Kristu yanyuze, bityo umuntu agahara ubuzima bwe, kandi agahara icyubahiro cye, agahara amashuri ye kandi agahara ibyagombaga kumuha ikuzo ryo mu Isi muri icyo gihe, kuko hari byinshi byatumaga Mwene Muntu agongana n'urukundo afitiye Kristu kandi urukundo afitiye Uhoraho, bityo hakaboneka bya gitera kandi hakaboneka inzitizi zari zikomeye, umuntu atashoboraga kwikuramo muri icyo gihe, kandi atashoboraga gusimbuka nk'umuntu, ariko ububasha bw'Imana kandi urukundo twari twarambitswe, urukundo rusendereye, rugatuma umuntu yitanga kandi rutaguma umuntu yemera kwitamba koko bityo akemera kuba igitambo cy'abandi, kugira ingoma y'Imana imenyekane kandi irusheho kugaragara, kuko twemeraga kuba nka rwa rubuto rubibwe mu gitaka kugira ngo ruhugute rwere izindi kandi ruhugute rutange umusaruro ushyitse kandi mwinshi kuruta kubaho urubuto ari rumwe kandi rushobora kwangirika cyangwa rukagira ikindi kiruhutaza.

Twemeye rero kwitanga mu buryo bukomeye kubera urukundo kandi tubigiranye koko urukundo twakundaga Imana, kandi twari twaramenye rwa Yezu Kristu kuko yari yaratubereye urugero muri byose, kandi akaba inzira ya buri wese wemera kumukunda no kumukorera, kugira ngo amenye kwitanga nyakuri kandi amenye kwirekurira mu maboko y'urukundo, no kwirekurira mu bubasha bw'Imana muri urwo rukundo.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Urukundo rero rujyana n'ukwitanga kandi urukundo rujyana no kwiambura byose, kuko ufite urukundo aritanga kandi akitangira abandi, akemera guca aho abandi bananiwe guca kugira ngo babone inzira kandi babone koko imbaraga, bityo bamarwe ubwoba nabo bakurikire inzira anyuze kandi bakurikire aho aciye.

Niyo mpamvu rero urukundo rujyana no kwitanga gukomeye kandi rukajyana no kwirekura, bityo Mwene Muntu ntiyizige kandi akirekura wese, kugira ngo imbaraga z'Imana zimugaragarizwemo kandi zimugaragareho, bityo buri wese amenye ubwo bubasha bukomereye kandi amenye izo mbaraga Mwene Muntu atuyemo kandi yagaragarijwe.

Urukundo rero ni ubwitange kandi urukundo ni igitambo koko cy'ubuzima kandi ni igitambo gifasha bose kuko uwitambye aba yitambye imbaga kandi nawe ubwe akaba yitambye kugira ngo koko ahabwe izindi mbaraga kandi ahabwe umusabano ukomeye mu Mana, kuko uwarekuye byose kandi uwitanze wese, nta kiba kikimugoye kandi nta kiba kikimukomeye imbere, kuko aba yahawe ububasha bukomereye kandi akaba yahawe umuyoboro ukomeye wo kuyoboka Imana mu kuri ndetse no mu kwizera.

Niyo mpamvu rero ukunda kandi wemeye gushyira urukundo rwe mu bubasha bw'Imana, ntahwema no gutanga, kuko utakwitanga kandi utabanje koko gutanga byose, utabanje kurekura byose, bityo muri uko uko gutanga byose kandi mu



## IGITABO CY'URUKUNDO

kumva ko ntacyo utunze cyawe, byose ubikomora kandi ubikesha uwaguhanze, bityo bigatuma nawe umuha kandi bigatuma uha abandi kuko ntacyo uba utunze cyawe, kandi ntacyo uba ufite cyawe, byose uba ubikesha uwakugabiye, bityo nawe ukitura kandi ukamutura ibyo byiza yaguhaye.

Urukundo rero iteka ntirwibona ahubwo rubona benshi kandi rukabona abandi, kuko urukundo rurekura byose kandi urukundo rugafungura byose mu buryo bukomeye. Niyo mpamvu rero uwemeye kwakira urukundo rukomotse ku Mana, ntabwo avunika mu rugendo rwe, kandi ntatwarwa n'imihihikano y'Isi kuko iteka ahora anyuzwe mu rukundo, kandi iteka agahora yakira icyo urukundo rumugeneye ku munsu.

Nk'uko Yezu Kristu yabyisabiye kandi akabitegeka abigishwa be kugira ngo bamenye gusenga nyakuri kandi bamenye gusabana n'Ijuru nyakuri, koko abereka ko ifunguro ritunga Mwene Muntu akwiye kuribona uwo munsu kandi icyo Data yifuza ko gikorwa mu Ijuru kigakorwa no Munsu, kuko byose nta na kimwe Data akorera Mwene Muntu atagikoreye urukundo, kuko atamuhangiye kwandagaraga kandi atamuhangiye koko kubura ubuzima, ahubwo yahangiye Mwene Muntu ubuzima.

Uri mu rukundo rero nta mvune kandi uri mu rukundo yizera byose, bityo akirekura akitanga kandi agatanga byose kuko nawe aba azi umugoborera kandi aba azi umubeshejeho, kuko urukundo rubeshaho byose kandi urukundo rugafungura byose,



## IGITABO CY'URUKUNDO

rugaha kubaho nka Mwene Muntu kandi rugaha Mwene Muntu kubaho koko mu bumana nyakuri, kandi urukundo rugafungurira Mwene Muntu kubona ko ibyaremwe byose kandi ibihabwa imbaraga, ndetse n'ibibayeho mu biremwa byose, atari uko biba byabibye kandi atari uko biba byahibibikanye kugira ngo bibone koko ikibitunga n'ikibibeshaho.

Urukundo rero rubeshaho byose kandi urukundo rukajya koko na byose, mu gukunda ndetse no kwakira imbaraga ziturutse mu bubasha bw'urukundo. Ufite urukundo rero ntagugumiriza kandi ufite urukundo yewe atanga n'ubuzima bwe, kandi agatanga n'ibyo atunze, kugira ngo abandi babyakire kandi abandi babibonemo koko imbaraga n'ishusho nyakuri y'urukundo rw'Imana.

Uhoraho rero yahanze buri wese kandi ahangira Mwene Muntu kugira ngo abe magirirane ku wundi, kandi abe icyuzuzo cya mugenzi we, buri wese yuzuzanye na mugenzi we kandi buri wese ahe urukundo mugenzi we, bityo ibyishimo by'abantu bihoreho, kandi ibyishimo n'umusabano mu bantu bihoreho, kuko urukundo rusabana na bose kandi urukundo rugafungura byose mu bantu.

Udafite rero urukundo ni wa wundi uhora iteka yirebaho kandi ni wa wundi iteka uhora uvuga ngo akanjye, kariya ni akanjye, bityo ntamenye ko gutanga, ntamenye kurekura kandi



## IGITABO CY'URUKUNDO

ntamenye no kwakira ngo abe yakwitangira abandi kandi abe yafasha abandi abigiriye urukundo.

Gukunda rero nyakuri kandi kwakira urukundo rw'ububasha bw'Imana bijyana n'ukwemera kandi bikajyana koko n'ukwitanga gukomeye, kandi ukwemera gutanga byose kugira ngo abandi bakire kandi bakire ubuzima, ngo banakire ibyishimo binyuze mu rukundo rw'Imana, kandi binyuze mu kumenya koko gukunda nyakuri bikomotse ku Mana nzima kandi bikomotse ku rukundo rwa Yezu Kristu rwabaye ikimenyetso cya bose mu Isi, kandi rwabaye inzira ya buri wese mu Isi, akwiriye kwigana kandi akwiriye kuyoboka, uwemeye kumuyoboka kandi ku umukunda koko abikuye ku mutima, atamubangikanyije, kuko umubangikanyije aba yivuna kandi aba agokera ubusa, kuko hari byinshi yiyima kandi hari byinshi yidindizamo.

Niyo mpamvu rero gukunda bijyana no kwirekura kandi gukunda bikajyana koko n'ubwizere nta kwiziga, ahubwo Mwene Muntu akizera koko ko uwo akunda ashoboye byose kandi afite byose, amukesha byose.



### **3. YEZU KRISTU, SOKO Y'URUKUNDO MU ISI N'IMBABAZI ZIFUNGURA IJURU**

Yezu Kristu yabaye isoko nyakuri idudubiza y'urukundo rw'Imana mu Isi kandi aba koko isoko nyakuri y'amahoro n'ibyishimo mu Isi hose, kuko yazaniye Isi urukundo kandi akazanira Isi ibyishimo n'amahoro kuko yabifunguriye bose kandi ababashije kumwakira bakamwemera, bakamwizera, abo ngabo iyo soko bayinyweyeho kandi abo ngabo iyo soko ibaha koko guhumuka no kuzibuka amatwi, bumva ububasha buri muri iyo soko kandi bumva ikinyotera ndetse n'uburyohe nyakuri buri muri iyo soko.

Yabaye rero isoko ya bose mu Isi kandi aza koko ari isoko ifutse yafunguriwe buri wese wemeraga kumugana kandi yafunguriwe buri wese wemeraga kumusanga no kumwizera, kuko atigeze amuhisha uruhanga rwe kandi atigeze amuhisha imbaraga zikomotse kuri iyo soko y'urukundo, kuko yagiye atanga imbaraga zayo kandi akagenda atanga ububasha bwayo; bityo ahari ikibi hagasimbuzwa icyiza kandi ahari icyiza koko kikongererwa, kuko abemeye kumwemera kandi abemeye kumwakira nk'umwami ndetse n'umucunguzi wabo batigeze bananirwa kwakira izo mbaraga, kandi batigeze bananirwa kwakira iyo nyigisho y'urukundo yari azaniye Isi.





## IGITABO CY'URUKUNDO

Yaje rero kubohora bose kandi aza gukiza bose, aza gufungura amarembo y'urukundo aho urwango rwari rwaradadiye kandi aho inzigo zari zarafunze zigakomeza; bityo iyo mirunga yose kandi iyo minyururu yose aza kuyikuraho Mwene Muntu, maze abashyamiranaga kandi abatatanywaga n'urwango, yemera kubahuza kandi yemera kubabumbira hamwe, abigisha urukundo kandi abaha urukundo; bityo ararubasabagiza kandi abereka imbaraga z'urukundo, mu gufungura imitima kandi mu gukora ku mitima, kugira ngo aho urwango rwibasiye kandi aho imbaraga zikomotse ku mwanzi zagiye kubera urwango, we ahuzuze urukundo kandi ahuzuze ububasha bukomeye bumukomotseho, kandi ububasha nyamukuru bwari bumuzanye mu Isi.

Yaje rero ari isoko idudubiriza Isi yose kandi isoko ivomerera Isi yose, n'ubwo bamwe bejeje abandi bakarumbya, ku mpamvu y'ubutaka budashima, kandi ku mpamvu y'imitima y'urutare itaremeye gufunguka kandi itaremeye kwakira urwo rukundo; bityo bamwe bibaviramo impamvu yo gukomeza korama, kandi impamvu yo gukomeza kuyobagurika no kuzunga muzunga bahuzagurika, ariko icyo yari yazanye mu Isi ntiyabuze kugikora, kandi ntiyabuze gutanga umusaruro ufatika, ndetse no gusubiranayo urwunguko kwa Se.

Niyo mpamvu rero izo mbaraga z'urukundo kandi ubwo bubasha bw'urukundo Yezu Kristu yazaniye Isi, benshi bisanze muri icyo soko kandi benshi akabafungurira isoko y'ubuzima



## IGITABO CY'URUKUNDO

buhoraho, bityo icyatanyaga Mwene Muntu kandi cyabaga inzitizi kuri Mwene Muntu ku mpamvu yo kwiburamo urukundo, maze kwitana bamwana bihagararira aho ngaho ku bamenye koko ikibahuza, kandi ku bakiriye ububasha bukomotse kuri iyo soko ya Yezu Kristu; bityo bambara urukundo kandi barakataza, barakunda, barakundirana, bityo bemera kugendana na Yezu Kristu, kandi bemera kumuyoboka, ariko kuyoboka urukundo rw'Imana, kandi ariko kuyoboka inzira igana Ijuru.

Yemeye rero kuba inzira y'ukuri kandi yemera kuba koko inzira y'ubugingo, igeza bose kuri Se kuko yari afunguye amarembo y'urukundo, kandi yari afunguye aho Mwene Muntu yari yarafungiranwe, bityo agahora iteka mu bwigunge, kandi agahora iteka mu nzangano, ziturutse mu kutamenya kandi ziturutse mu bujiji Sekibi yari yaramushyizemo, bwo kumva ko Uhoraho adakunda kandi Uhoraho yatereranye Mwene Muntu, yamuhisha byose kandi akamuhisha ibanga rikomeye, byose biturutse ku rwango rwa Sekibi yari afitiye ikiremwa muntu, kandi mu guteranya kudahwema kuranga abana b'umwijima.

Ni uko Sekibi afata Mwene Muntu amuteranya n'urukundo rw'Imana, bituma acumurira Uhoraho kandi bituma atandukira kuko Uhoraho nta na kimwe atanga yibeshye, kandi nta na kimwe atanga atabikoreye urukundo; bityo inkomoko ya Mwene Muntu irapfa kandi inkomoko ya Mwene Muntu



## IGITABO CY'URUKUNDO

yanduzwa n'ubusa bukomotse ku bwo gukoreshwa icyaha na Sekibi, kandi guhumwa amaso na Sekibi.

Yezu Kristu yari aje rero guhumura abantu kandi yari aje gutangaza urukundo kugira ngo buri wese amenye iyo shusho nyakuri y'Imana kandi amenye ubwo bubengerane nyakuri bw'Imana, bityo aho umwanzi yahumye amaso Mwene Muntu ahabwe guhumurwa, kandi ahabwe imbaraga z'urukundo, arugenderemo, arwumve kandi arwakire mu buzima bwe, kugira ngo rumushoboze byose kandi rumuhindurire byose, kuko nta na kimwe cyagombaga gutambamira urwo rukundo rw'Imana, kandi nta na kimwe cyagombaga kuruhagarika, uko byari kugenda kose.

Niyo mpamvu rero Yezu Kristu yemeye gukingura ayo marembo kandi yemera gukuraho urwo rukuta ukomeye rw'urwango Sekibi yari yabibye muri Mwene Muntu wa mbere, kandi yari yashoye kuri Mwene Muntu wa mbere, amushyiraho urukuta kandi amwubikaho imbaraga zikomeye ze, bityo ntiyongera kumenya urukundo rw'uwanze kandi ntiyemera kumenya urukundo rw'uware umutungishije ibyishimo bikomoka kuri rwo.

Niyo mpamvu rero Yezu Kristu yaje gukuraho uwo mubabaro wose kandi yemera guca mu bikomeye, kandi yemera kwakira byose, kuko nyir'urwango yari akirwifitemo kandi Sekibi yari agifitiye Yezu Kristu ishyari, yemera koko gukora byose kugira ngo amwumvishe kandi amubabaze mu buryo bukomoye,



## IGITABO CY'URUKUNDO

bugaragaza ko nyine urukundo akunda Mwene Muntu ari imfabusa. Ariko ibyo Yezu Kristu byose yabinyuzemo kubera urukundo kandi arabyakira kubera urukundo, kugira ngo buri wese yumve izo mbaraga z'urukundo, kandi buri wese yumve koko urwo rukundo rwamuzanye mu Isi, kuko yagombaga kubinyuramo byose, kandi yari aje abyiteze, kuko iyo mitego yose agomba kuyinyuramo kugira ngo yambutse Mwene Muntu, kandi amukure muri urwo rwango rukomeye Sekibi adahwema kumuhigira no kumutega; bityo amwereke inzira nyakuri yo gukizwa kandi amwereke inzira nyakuri yo kudaheranwa n'akaga gakomeye Sekibi ashobora gutega abakurikiye Data, kandi abakurikiye ububasha bw'Imana isumba byose.

Niyo mpamvu rero yemeye kunyura muri byose kugira ngo Mwene Muntu ahabwe izo mbaraga zo gukunda nyakuri kandi yinjizwe koko mu rukundo, bityo yemere kubabarira byose kandi yemere kwakira byose, yirengagiza ibimudindiza umwanzi amutega mu mayira, yibuke ko Yezu Kristu yanyuze muri byose, kandi agakomeza kuba isoko y'urukundo, agakomeza kuba koko urumuri rw'urukundo kuri buri kimwe cyose.

Ntabwo rero yigeze ananirwa kandi nta n'ubwo yigeze arambirwa, kuko atahwemye gusaba imbabazi no kuzisabira bose, abishi be ku musaraba, asaba Se kubabarira kuko batazi icyo bakora kubera urwango rwabo kandi kubera ukwigiza nkana kwabo, bibwiraga ko ibyo bakoze bikuraho ubumana



## IGITABO CY'URUKUNDO

bwe kandi bihagaritse ububasha bwari bwamuzanye mu Isi, nyamara siko byari biri, ahubwo bwari uburyo bwo gukomeza buri wese uzakurikira Imana, kandi uzanyura inzira ya Yezu Kristu, kugira ngo abone imbaraga kandi abone ububasha bwo kubabarira byose ndetse no kurekura byose akabishyira mu biganza by'Imana Data.

Yababariye rero kugira ngo afungure imiryango y'Ijuru ku bemera gutanga imbabazi kandi ku bemera kuzaka, nk'uko kiriya gisambo cyemeye gutakamba bwari uburyo bwacyo bwo kwicuza, ndetse no kurekura byose cyakoze kugira ngo umwana w'Imana abashe koko kukinjiza mu bwami bw'Ijuru kandi abashe kumufungurira amarembo, kuko Yezu Kristu yari amaze kubabarira bese batazi icyo bakora, kandi bese basabitswe n'ubugome, bityo na kiriya gisambo kibona urumuri kuko izo mbabazi za Yezu Kristu zari ziturutse mu rukundo rwa Se; bityo n'igisambo kibona urumuri maze cyemera guca bugufi kandi cyemera gusaba imbabazi kuko urukundo rurekura byose kandi urukundo rukaboneshereza bese.

Niyo mpamvu rero ukunda kandi uwakiriye akavoma ku isoko y'urukundo rwa Yezu Kristu adatana no kubabarira kandi adatana no gufungurira imbabazi bese, bityo bakabona urumuri kandi bakarekura ikibi, maze bakegukira icyiza.

Uwababariye rero aba akinguye imiryango y'Ijuru kandi uwababariye aba koko akataje mu rukundo, kandi yakira imbaraga ziturutse muri urwo rukundo, mu kwinjira mu bwami



## IGITABO CY'URUKUNDO

bw'Ijuru kandi mu kuronka imbaraga z'ububasha bw'Ijuru zivuye mu gukunda nyakuri kandi zivuye mu kurekura byose, kuko Yezu Kristu byose yabisize ku musaraba, kandi byose akabirangiriza ku musaraba, kugira ngo buri wese amenye imbaraga z'urukundo n'aho zigomba kumugeza, ku kadomo ka nyuma, kuko agomba kuba agikunda kandi agomba kuba akirekuriye mu rukundo, nta kimutanya narwo kandi nta kimuhutaza muri rwo.

Ni izo mbaraga rero yasakaje mu Isi kandi ni urwo rumuri yari azaniye Isi, kugira ngo Mwene Muntu amenye isoko n'intangiriro y'urukundo mu buzima bwe, kandi amenye n'inyifurizo y'urukundo mu buzima, ko ari ukubabarira kandi kwakira byose muri we, abyakiriye mu rukundo kandi abifunguriyeho abandi mu rukundo, kugira ngo nabo babone inzira kandi babone icyerekezo.

Niyo mpamvu rero uwahawe urukundo kandi uri mu rukundo koko rw'Imana kandi ku isoko ya Yezu Kristu, agomba gufungurira abandi kandi akabereka icyerekezo, akabereka umurongo, kugira ngo atagenda wenyine muri kwa kunyura muri byose akababarira, kandi muri kwa kunyura mu bikomeye akarekura, akiyumanganya, akakira kandi ibyishimo bye bigakomeza kuba ibyishimo bihora, bityo urugendo rwe rugakomeza koko kuba rwa rundi rudasubira inyuma, rutadigadiga; icyo gihe aba afunguriye abandi amarembo y'ibyiza by'Ijuru kandi aba ari kugenda aharurira abandi inzira



## IGITABO CY'URUKUNDO

mu kumenya gukunda no kwiyakira no kwiyumanganya muri byose.

Ububabare rero ntabwo kuba intandaro yo kwigumura ku Mana kandi kwigumura ku isoko y'urukundo rwa Yezu Kristu, kuyitoba umuntu ayitobye mu mutima kandi kuyiziba ayizibishije ibibi bimukomotsemo, kuko ibyo biba bitagakwiriye gutanya Mwene Muntu n'urukundo rw'Imana, kandi biba bitagakwiye kumukura ku isoko y'urukundo rwa Yezu Kristu, ahubwo biba bikwiriye kumubera koko agasabune yongera gukaraba kandi akiyunyuguzza neza, agakomeza urugendo kandi agakomeza gutega amashyi, kugira ngo yakire iyo soko y'urukundo muri we, kandi ayakire mu mutima we.

Urukundo rero rwihanganira byose kandi rugakomeza byose, rugakomerera muri byose, kuko nta na kimwe gishobora guca urukundo intege, kuwashyikiriye urukundo akarwumva kandi akarukomeza, kabone n'aho bamukaranga mu mavuta, kabone n'aho bamushyira ahabi hameze gute Isi itinya, we ntabwo atinya kuko byose biba birimo kubaho mu rukundo kandi ari muri ibyo byishimo, kuko aba ari umunyenga we kandi aba ari ubuzima bwe, bityo akakira kandi akemera kunyungutira ibyo byose bimubabaza, kandi bimukomereye.

Urukundo rero ntabwo rutinda ku birusenya kandi urukundo ntabwo rutinda ku bishaka kurumaramo imbaraga, kuko ibyo byose rubirenga bityo rukakira imbaraga zikomotse muri rwo kandi rukakira ububasha ububasha bukomotse mu Mana



## IGITABO CY'URUKUNDO

y'urukundo rusa rusa, bityo rukayobora buri wese kandi rukamushoboza byose, rukamuha imbaraga no gukomera.

Niyo mpamvu rero gukunda kandi kuvoma ku isoko y'urukundo rwa Yezu Kristu, bifungura imbabazi za byose kandi rugafungura imbabazi koko mu kuronka Ijuru, ndetse no mu gufungurirwa amarembo y'Ijuru, kuko nta rwango rugera imbere y'Imana Data, kandi nta kizira kigera imbere y'ubuziranenge bw'Imana Data, kandi ufite urwango ntabwo aba abarira kandi ufite urwango ntabwo aba yituzemo urukundo, ahubwo nyine aba yasabitswe na Sekibi kandi aba yavogerewe na Sekibi.

Niyo mpamvu rero gukunda bisaba kurekura byose kandi gukunda bigasaba gutanga byose kugira ngo ushyikire ibindi by'agaciro, kandi ushyikire iby'imbaraga zikomeye kandi zifasha Mwene Muntu.

Kubaho rero mu rukundo ni ukurekura byose kandi ni ukwishimira imbere y'abagizi ba nabi, kandi imbere y'abajomba ibikwasi, kandi imbere y'ababyoroga inshinge zikomeye, bityo ukabaho mu rukundo kandi ukakira byose, ntuweme guseka kandi ntuhweme kwishima muri bo, kugira ngo iyo mirasire y'urukundo kandi iyo mirasire y'ibyishimo nabo ibagoborere imbaraga zikomeye kandi ibagoborere ububasha bubafasha gukira kandi ububasha bubafasha kurekura byose, kuko ibyishimo bizanira buri wese ubabaye kandi ibyishimo bikazanirwa buri wese ufite agahinda, kugira ngo nawe yishime kandi agirirwe neza, kuko ukora ikibi ntabwo aba yishimye aba





## IGITABO CY'URUKUNDO

yuzuye umubabaro, kandi aba yuzuye amaganya, aba yuzuye urwango, kandi aba yuzuye ikibi.

Niyo mpamvu rero uwishimye kandi utanze urukundo mu byishimo, uwo nguwo aronkera bose ibyishimo kandi akabaronkera urukundo, ukwicuza n'imbabazi.

Yezu Kristu rero yakinguriye bose kandi imbabazi ze zikingurira bose kugira ngo bamenye ububasha bw'Imana kandi bamenye imbaraga z'Imana mu kumenya gukunda kandi mu kurekura byose no kwitanga muri byose.

Niyo mpamvu rero ufite urukundo kandi wavomye ku isoko ya Yezu Kristu, ababara ababarira kandi akarekura byose, asingira Kristu Nyagasani kandi asingira urukundo n'umusaraba we, bityo agahora iteka awusoma kandi agahora iteka awurangamira, bityo bikamufasha gukunda nyakuri kandi bikamufasha kwirekura mu rukundo no kurubamo ubuziraherezo, nta kimuziga kandi nta kimukoma imbere.

Kubaho rero ku isoko y'urukundo rwa Yezu Kristu yazaniye Isi ni imbaraga zikomeye zo gufungura Ijuru kandi ni imbaraga zikomeye zo kubaho mu mbabazi iteka, kuko ukunda ntatinda ku bimusenya kandi ukunda ntatinda kubabarira kuko byose abibonamo urukundo, kandi byose akabirekura vuba, bityo akabona intege nke za muntu kandi akabona intege nke z'umuvandimwe we.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Niyo mpamvu rero Yezu Kristu yaje kwigisha urukundo kandi akazana iyo soko y'urukundo mu Isi, kuko itazigera ikama kandi itazigera ibura abayivomaho, ndetse itazigera ibura abayoboke mu gukurikira inzira ye y'ukuri n'ubugingo igana kuri Se, kandi ifungurira bose imiyoboro y'ibyo byiza bikomotse ku isoko ngari y'urukundo rwe yazaniye Isi yose kandi yifuriye buri wese mu Isi kugirango uyivomaho atazongera kugira inyota ukundi, ahubwo ahabwe ubuzima ndetse n'imibereho mishya ihoraho iteka mu buzima bw'Uhoraho.

Niyo mpamvu rero isoko ya Yezu Kristu idakama kandi idashobora gukamywa n'iby'Isi byose, kandi idashobora guhindurwa na Mwene Muntu, kuko ari isoko yafukuye mu bubasha kandi isoko yahanze mu bubasha bwe bwo kuyitanga bukomeye, ndetse no kwemera gufungurira bose imiyoboro y'urwo rukundo n'imbabazi, yewe n'abishi be akabereka urwo rukundo kandi akabaha kuri ubwo bubasha bukomeye, mu isoko ngari y'urukundo rwe yazaniye Isi, kugeza ku munota wa nyuma wo kwitanga kwe, afungurira bose ijuru kandi abereka inzira n'umuryango bakwiriye kwinjiriramo, wo kubabarira kandi wo kubabarira mu rukundo nyakuri.



#### **4. URUKUNDO NI UMUTI UKIZA KURI ROHO NO KU MUBIRI**

Urukundo ni umuti ukiza kuri roho no ku mubiri kuko urukundo rwifitemo imbaraga zose kandi urukundo rukigiramo ububasha bwose ku wemeye kurubamo kandi ku wemeye kurukunda kandi akaba muri rwo koko nyakuri, nta kimunanira kandi urukundo rumufungurira byose kuko rumuha ububasha bukomeye kandi rukamuha koko kugendera mu nzira zikwiriye kandi mu nzira zimuzanira agakiza.

Nk'uko Mwene Muntu, mu rugero rufatika, iyo yikunze amenya guhibibikanira umubiri kandi akamenya koko kuwitaho mu buryo bukwiriye, akamenya kuwusiga, akamenya kuwambika kandi akamenya kuwutuzza aheza, kugira ngo utagira ikiwuhungabanya kandi utagira koko ikiwuhutaza, bityo akagerageza kuwurinda impanuka kandi akagerageza kuwurinda icyawuhungabanya.

Uwo rero wikunda uko nguko kandi akikunda abigiriye ubwikunde bwe, atarebye abandi bikamuhira kandi bikamutunganira, ntibizarusha Se kandi ntibizambutswa kure uwakunzwe n'Imana kandi uwakiriye urukundo rw'Imana mu buzima bwe, kuko uwo nguwo imbaraga z'urwo rukundo rw'Imana, kandi ubwo bubasha bw'urukundo rw'Imana buzamuviramo urukingo kandi bumuviremo umuti kuko



## IGITABO CY'URUKUNDO

ahabwa buri muni umuti umukiza, umurinda ikibi cyose, cyaba kuri roho ndetse no ku mubiri ? Kuko uri mu rukundo rw'Imana nta kimubaho kandi nta kimuvogera?

Urukundo rw'Imana rutabishatse, kuko ahabwa imbaraga zose, kabone n'aho umubiri wavirirana, ubwo bubabare abubona nk'ubuhita kuko bumuberamo umuti kandi bukamuberamo koko imbaraga zikomeye zimukomeza kandi zimufasha kurangamira Imana, bityo bikamuviramo isuku nyakuri ishyyitse y'ubuzima bwe, kuko adapfira mu gihombo kandi adatagaguza imbaraga ze ku bidafite akamaro kandi ku bidafite shinge.

Urukundo rero ni umuti ukomeye kandi umuti ukiza ibikomere; urukundo ni umuti ukiza ikibi cyose ku mutima wa Mwene Muntu, kuko uri mu rukundo ntabwo ajya gutabira ikibi kandi ntabwo ajya gushakisha ikimwica, kuko urukundo iteka ruhora mu buzima kandi urukundo iteka rugahora mu kwemera gukomeye, bityo uwemera arakira kandi uwemera yizera icyo yemera kandi akabona koko ububasha muturutse mu kwemera kwe.

Niyo mpamvu rero ufite urukundo nta bubabare, nta mubabaro umugeraho, udafite icyo uvuze kandi nta na kimwe gishobora kumukoraho kidashobora kumukiza, kabone n'aho yanyuzwa mu rupfu, icyo gihe aba ari gutanga ubuzima , kandi aba ari gutanga umuti ufasha abandi kandi ukiza abandi, kuko urukundo nyine ari umuti wa byose kandi urukundo rukaba koko icyomoro cya byose ku buzima bwa Mwene Muntu.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Uriho rero mu rukundo ahora iteka mu mbaraga zikomeye kandi uriho mu rukundo ahora iteka mu bubasha budasubizwa inyuma kandi mu bubasha butagamburuzwa n'Isi, kuko urukundo rufungura byose kandi urukundo rugaha Mwene Muntu ubwigenge, rugaha roho ukwisanzura nyakuri kandi rugaha roho koko guhora iteze amatwi uwayihanze, ndetse ububasha bw'Imana isumba byose kandi ububasha bukomoka mu Mana bugahora iteka buvomererwa roho kandi ubwo bubasha bugahora iteka bwuzuzwa kuri roho ya Mwene Muntu, kugira ngo abone agakiza kandi agahora iteka yiyumvamo ubuzima, akomeye, kuko urukundo rufasha Mwene Muntu mu musabano ukomeye kandi umubiri we ukererezwa mu bubengerane bw'Imana, kandi umubiri we ukererezwa mu bubasha bukomomeye bw'Imana isumba byose, nk'uko roho ye iba yararangije guhura n'Imana kandi iba yararangije gusabana n'Imana mu buryo busendereye kubera urukundo.

Niyo mpamvu rero urukundo rwa Yezu Kristu rwakuyeho gupfa kwe kandi rugakuraho urupfu Isi yari imushyizemo, maze urukundo rukamuha ubuzima kandi rukamuha ububasha bwo kwizura wese, akazukana umubiri we, kandi akazukana roho ye, umubiri we uri mu ikuzo kuko urukundo rwari ruri muri we, rutashoboraga gutuma apfa ngo aheranwe kandi rutashoboraga gutuma ahera aho Isi yari imushyize, kuko urukundo ari ubuzima kandi urukundo rukaba imbaraga kuri buri kimwe cyose, ufite urukundo yigaranzura byose, kandi ufite urukundo atsinda byose.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Urukundo rero rukomoka ku Mana kandi urukundo mu bubasha bw'Imana ni umuti ukiza kandi ni umuti ubeshaho, kuko ari rwo Yezu Kristu yagiye akoresha mu Isi hose kandi urukundo rwe akaba ari rwo yagiye akoresha mu kugirira abantu impuhwe, bityo bigatuma atubura kandi yongera ibyo yabaga afite ndetse n'ibyo babaga bafite, kugira ngo ahaze roho zabo kandi aramire imibiri yabo, bityo akayisubizamo ubuzima kandi na roho zabo akaziha ibyishimo bikomeye, kuko urukundo ari ubuzima kandi urukundo rukaba ari umuti ukiza kuri roho ndetse no ku mubiri.

Urukundo rero rwa Yezu Kristu rwahinduraga byose kandi urukundo rwa Yezu Kristu rwasubizaga ibyishimo, kuko ufite urukundo kandi akaruhabwa koko nk'umuti yigiramo ibyishimo, bityo ahari umubabaro, ahari ukwiheba hagasubizwamo ibyishimo, kuko ari zo mbaraga zose Yezu yagiye akoresha zikomotse mu rukundo, mu kugoboka abari i Kana, bityo divayi yabo ibashiranye kandi yabahaga ibyishimo kandi yari iryoshye koko mu buryo bifuzaga, kandi bwabahaga ibyishimo bikomeye, Yezu Kristu ntiyabapfobya kandi ntiyabarangiriza ibyishimo byabo, ahubwo arushaho kubyongera kugira ngo abone ububasha kandi urukundo rwa Yezu Kristu rubazanira ibyishimo, bityo bituma bahumuka bamenya uwo ari we kandi batangira gushakisha uwo ari we, kugira ngo koko bamenye ubwo bubasha bukomeye bwe kandi barushaho kumva izo mbaraga ze zikomeye z'urukundo rwe, mu busabizi bw'urukundo rw'umubyeyi Bikira Mariya.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Niyo mpamvu rero urukundo rwa Yezu Kristu rudatana n'urukundo rw'umubyeyi ndetse n'impuhwe ze, bityo bagahora iteka bakorera Mwene Muntu umuti uturutse mu rukundo rwabo, kugira ngo arusheho guhumuka kandi arusheho kwakara izo mbaraga z'urukundo mu buzima bwe.

Niyo mpamvu rero Yezu Kristu yakoze byose abikoreye urukundo, agakiza abarwayi abigiriye urukundo kugira ngo bibonemo ubuzima kandi abahe umuti uturutse mu mirasire y'urukundo kandi mu bubasha bwe bukomotse mu buzima bw'urukundo rw'Imana Data.

Urukundo rero ni ubuzima kandi urukundo ni imibereho ishyitse ikomoka mu Mana Data yifurizwa Mwene Muntu kandi Uhoraho Imana yahangiye Mwene Muntu kugira ngo ature mu buzima bw'urwo rukundo kandi ature mu bubasha bwarwo igihe cyose, kugira ngo yiyumvemo ubuzima kandi yiyumvemo imibereho ivuguruye.

Urukundo rero rubeshaho kandi urukundo ruzanzamura byose kandi rugahembura byose, yaba kuri roho ndetse no ku mubiri, kuko uwashyikiriye urukundo rwa Yezu Kristu kandi agashyikira urukundo rw'ububasha bw'Imana Data mu bumwe basangiye, aba yabonye umukiro wa byose kandi aba yabonye imbaraga kuri buri kimwe cyose, kuri roho ndetse no ku mubiri, kuko aba atakibereyeho kandi aba yafunguriwe ubuzima bumufasha kunyura muri byose, kandi bumufasha guhorana imibereho idapfa bishingiye ku rukundo rukiza kandi urukundo Mwene



## IGITABO CY'URUKUNDO

Muntu ahabwa, kugira ngo ahore iteka mu musabano n'umuremyi we.

Niyo mpamvu rero urukundo rwabaye byose kandi rukaba inzira ya bose, ku bemeye gutagatifuzwa narwo kandi ku bemeye gutwarwa narwo, kuko batigeze bavunika mu nzira zabo zose kandi batigeze bagorwa mu nzira zabo zose, nta na kimwe cyadutambamiraga muri urwo rukundo, kuko twahoraga turubonamo imbaraga zikomeye kandi zikatugoboka igihe Isi ishatswe kudushyira ahakomeye, bityo urukundo rukatwunamurira kandi rukaduhembura tugashyirirana ubuzima, kandi tukiyubakira vuba byihuse.

Uri mu rukundo rero nta kimukereza kandi uri mu rukundo ahora iteka muri izo mbaraga, agahora iteka ibivugwa byose kandi ibimuca hejuru bigahita bikagenda, bityo agahora yiyumvira amajwi kandi ururirimbo n'ibyishimo by'abamalayika, kuko abatagatifu bese baba bari kumwe nawe kandi imbaraga z'ububasha bw'ijuru ziba zarakinguwe muri we.

Niyo mpamvu rero ahorana ubuzima budapfa kandi agahorana ububasha bukomeye bukomoka mu Mana, uwashyikiriyeye nyir'izina urukundo kandi ku warwakiriyeye mu buzima bwe bwose, ataruvangavangiye kandi atarubangikanyije akakira koko isoko y'urukundo rwa Yezu Kristu nk'umuti kandi n'ububasha bumukiza; uwo nguwo ubuzima bwe buba ubuzima bw'ibyishimo kandi bukaba ubuzima bw'amahoro igihe cyose.





## IGITABO CY'URUKUNDO

Niyo mpamvu rero urukundo rwa Yezu Kristu ruhindura byose kandi urukundo rw'Imana Data rukaba umuti ukomeye, Mwene Muntu ahabwa kandi Yezu Kristu yazaniye Isi yose, kuri roho ndetse no ku mubiri, kuko urukundo ruvura byose kandi rugakiza byose, rukihanganira byose kandi rugatambuka muri byose, bityo uwarushyikiriye akabona inzira kandi uwarushyikiriye ntabwo amarwa kandi ntabwo asenywa no kujya mu icarubanza ndetse no kujya kuvuga abandi kuko aba aziko urukundo ruhindura byose kandi urukundo ruremetse muri buri wese.

Niyo mpamvu rero urukundo rutajyana mu rubanza kandi urukundo rutajyana mu gutererana abandi, ndetse no kwirengagiza abandi, ahubwo ruhora rushakira bese ibyishimo bihora kandi rugahora rushakira bese umutuzo, imbaraga ndetse n'ukwemera gukomeye.

Twabonye rero urukundo kandi ruraza rutura muri twe, rubana natwe ruradukiza rudukura mu mihibibikano y'Isi, kandi rudukura mu by'Isi byari bitugose, bityo turererezwa narwo dushyirwa hejuru mu bushorishori narwo, bityo twiberaho muri urwo rukundo kandi Isi turayitarura, kuko twabagaho nk'abatayiriho, kandi tukabaho mu bubasha bukomeye, bwagaragazaga imbaraga z'Imana, bityo buri wese agatinda yibaza abo turi bo kandi agatinda yibaza uburyo tubayeho, kuko ntaho twari duhuriye n'Isi, kandi ntaho twari duhuriye n'ibikorwa byayo, kuko byose twireberaga mu ndorerwamo



## IGITABO CY'URUKUNDO

y'urukundo kandi tukirebera mu ndorerwamo y'ibyishimo, akaba ari byo duha abandi kandi akaba ari byo dusakaza mu bandi, bityo tugahora turi izuba ryakiye buri wese kandi izuba ry'urukundo rukomeye kandi izuba ry'urukundo rushyitse mu Mana, umuremyi n'umugenga wa byose.

Ndi umuhamya rero w'urukundo mu Isi kandi ndi umuhamya w'umuti w'urukundo mu Isi, kuko urukundo ari umuti ushyitse kandi akaba ari umuti ukomeye ku kiremwa muntu. Nararubonye rero urukundo rwa Yezu Kristu ndarwakira, arugurumanisha muri nje kandi arugira ikibatsi cyagurumaniraga abo turi kumwe, bityo imirasire yansohokagamo ikabatwika kandi ikabahindura, bityo buri wese agahorana ibyo byishimo kandi buri wese agahorana ubwo bwuzu, bwo kumva yatura iruhande rwanjye kandi yaba muri nje, kuko nanjye nahoraga iteka mbafunguriye umutima wanjye kandi nkahora iteka mbinjiza muri izo mbaraga z'urwo rukundo Yezu Kristu yari yarampaye ku buntu, kandi yari yarampaye kwamamaza mu Isi binyuze mu rupfu kandi binyuze mu bubare bwe bwose, kuko yabinyujijemo kugira ngo nanjye mbe ikimenyetso nk'umwana muto, kandi mbeho koko nk'umwana muto mu biganza, maze nanjye nemera kumusanga wese, ndamwirekurira, bityo ndateta, ndatona, kandi ntonesha abandi muri urwo rukundo kuko atari nje wari wikungahaje, kandi ntari nibereyeho muri urwo rukundo ndetse no muri ubwo bukungu nari nahawe ku buntu, ahubwo iteka mba umubibi warwo mu bantu kandi ndarusakaza, ndufungurira



## IGITABO CY'URUKUNDO

buri wese kuko nari naramufukuriye isoko y'urwo rukundo, impande zanjye buri wese nkamuha isoko igendanye n'uko yifuza gukunda kandi isoko igendanye n'umuti akeneye guhabwa, kuko uburwayi bwose butavurwa n'umuti umwe kandi uburwayi bwose butavurwa n'ingano y'umuti ingana, buri wese aba afite uburwayi arwaye kandi buri wese afite uburyo akenewe kwakira umuti, kugira ngo abashe gukira vuba kandi abashe gukira koko mu buryo bukwiriye.

Nahaye rero buri wese uwo muti w'urukundo kandi nywumuha mu byishimo byinshi kuko niyibagirwaga, ahubwo nkareba buri wese kandi nkareba Isi yose muri rusange, nkahora iteka nuzuzura urwo rumuri rw'urukundo, kandi nkahora iteka nkiza abanyabyaha kugira ngo bahindukire, bamenye urukundo rw'Imana.

Umubiri wanjye rero wakiraga byose kandi umubiri wanjye ugatwara byose, kuko niyumvagamwo uburemere bw'urwo rukundo, iteka nkumva nshyiguye Isi yose kandi nkumva nyiteretse mu mutima wanjye no ku bibero byanjye, nk'aho ari umwana nkikiye, nagombaga konsa kandi nagombaga kwitaho igihe cyose, mu kurekura imbaraga z'urukundo kandi mu kurekura ububasha bwarwo.

Yezu Kristu rero yamporaga iruhande n'umubyeyi Bikira Mariya akampora iruhande, bityo nanjye nkirekura nkaba nka ya nyana yikinagura mu ruhongori, kuko nahoraga iteka ngaragaza urwo rukundo kandi nkikinagura mu bandi ndusakaza kandi



## IGITABO CY'URUKUNDO

ndutambagiza, kugira ngo buri wese arubone kandi buri wese arwumve, kuko nari ndi tebenakulo y'urukundo rw'Imana muri bagenzi banjye, bityo buri wese agahora andangamiyemo urwo rukundo.

Ni igikorwa rero cyakorwaga mu bubasha bw'Imana kandi cyakorwaga mu mbaraga nanjye ubwanjye ntagiragamo uruhare rwo kugira ngo buri wese ambonemo urwo rukundo, kuko byose byijyanaga kandi byose nkumva ari imbaraga zindushije uburemere, bityo nkatwarwa aho zinjyanye kandi nkahagarara aho zinyerekeje, bityo uvoma akavoma kandi usingira ibye byiza by'urukundo akabisingira.

Yezu Kristu rero ntacyo atampaye mu bubasha bwe kugira ngo nkishyitse mu bandi kandi nkisakaze mu Isi hose, kuko na n'uyu muni nkivomerera urwo rukundo kandi nkarushimangira mu bantu, kugira ngo barwakire barubemo kandi baruturamo uko bagomba kurukuramo, kuko nzahora nduvomerera Isi yose, kandi nkazahora iteka ndashe koko amaroza y'urwo rukundo ku kiremwa muntu, kugira ngo ayo maroza arumbukire Mwene Muntu ubutunzi bukomeye kandi arumbukire Mwene Muntu imbaraga zo kubaho mu rukundo.

Ni igihe rero cyo kugira ngo urwo rukundo rumenyekane mu Isi kandi urwo rukundo rwumvikane mu Isi, kuko ari igihe cyo kurushimangira kandi akaba ari igihe cyo kurwemeza Mwene Muntu, kuko buri wese akwiriye kurukuramo kandi akaba buri wese akwiriye kurubamo no kurwidagaduramo uko bikwiriye.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Urukundo rero kurubamo ni umunyenga kuko urukundo rutaremera, urukundo si umutwaro ahubwo urukundo ni ukwemera n'ukwizera Mwene Muntu agira, bityo bikamuha koko umurongo nyakuri wo gukunda, kandi bikamuha koko ibyishimo nyakuri by'urukundo.

Uwemeye rero gukunda kandi uwemeye kwakira urukundo abanuka ka kana kumva ko gafite ababyeyi, gafite papa kandi kakagira mama, bityo kakumva nta gishobora gukakoma imbere, nta gishobora kukegera, kuko kaba kazi ko karinzwe kandi kakaba kazi ko nta cyashobora kuvogera aho kari, ababyeyi bako bakarinze, kandi ababyeyi bako bakari iruhande. Ni uko rero urukundo rumera ku warwakiriye kuko aba ameze nk'uko mwana muto, bityo agahora atwarwa narwo kandi agahora yitetera ku mbuga y'ababyeyi be nta kindi kimurangaje kandi nta kindi kimuraje inshinga, kuko aba yumva izo mbaraga zo kuba arinzwe kandi izo mbaraga zo kuba afite abamuhagarikiye zihagije.

Urukundo rero ni ubwo burinzi bukomeye umuntu yiyumvamo kandi urukundo ni izo mbaraga z'ukwizera umuntu abayubatswemo kandi aba atuyemo, bityo agahora yizeye ko byose bitunganywa na papa na mama we, kandi agahora yumva ko izo mbaraga zabo zidashobora gutuma hagira ikimutambira.

Ufite rero urukundo ni aha agomba kugera kandi ni aha agomba kwirekurira, bityo ntagire imihangayiko yindi kandi ntagire ikindi kimukerereza, gituma atakira umuti ndetse



## IGITABO CY'URUKUNDO

n'ububasha bukomotse muri urwo rukundo, kuko n'umurwayi iteka ahora yizeye muganga kandi agahora yumva iteka ko kuba ari mu maboko ya muganga ibyo bihagije, n'aho yapfa n'aho byagenda gute, byose bireba muganga. Niyo mpamvu rero urukundo ari umuti ukiza kandi uwemeye kurwirekuriramo aba koko yaronse umuti nyakuri, kandi aba yaronse ububasha nyakuri.

Ni igihe rero kigeze kugira ngo urwo rukundo buri wese aruhabwe nk'umuti kandi buri wese arutuzwemo, kuko ntacyo Yezu Kristu yakoze kandi ntacyo imbaraga zacu z'aho yatunyujije zizapfa ubusa, zose zigomba kugaragaza umusaruro ushyitse kuri Mwene Muntu, kugira ngo atuzwe mu rukundo, kandi arwakire, arubemo, rumuzanire ibyishimo, rumuzanire imbaraga n'amahoro bimukomeza kandi bimurema buri muni buri bushya.

Ni izo mbaraga rero z'umuti w'urukundo kuri Mwene Muntu kandi ni ubwo bubasha bukomeye bw'urukundo kuri Mwene Muntu, agomba kumva kandi agomba kwakira mu buzima bwe bwose, bityo agahora yizeye umuti ukomotse mu rukundo, kuko urukundo nta gisubizo na kimwe rutagira kandi urukundo nta kibazo na kimwe kuri rwo kiburirwa igisubizo, kuko urukundo rwisobanura kandi rukoroshya byose, ibyari bikomeye bikoroha imbere y'urukundo.

Niyo mpamvu rero urukundo ari imbaraga zikomeye kandi urukundo rukaba ububasha nyakuri bw'ubuzima bw'Imana



## IGITABO CY'URUKUNDO

Data, kuko mu Mana Data nta kidashoboka, kandi mu Mana Data nta kinaniranye na kimwe kibamo, kandi nta n'ikirenga iyobora kiba mu Mana Data, kuko buri kimwe cyose ikibonera igisubizo kandi ikagira icyo igikoraho, kikuzuzwa kandi kikanozwa uko ibyifuzza, bigendeye mu gushaka kwayo.

Gukunda rero bijyana no gushaka kw'Imana kandi gukunda bikagendera mu gushaka kw'Imana, kuko ukunda abaho yirekuriye Imana, kandi akabaho iteka ubuzima bwe abuha Imana kugira ngo ibugenge kandi Imana ibuyobore aho ishaka, kandi ibukoreshe icyo ishaka igihe cyose. Niyo mpamvu rero uwakunze yirekura kandi uwakunze akiyumvamo koko ubwo buzima kuri roho ndetse no ku mubiri, budashobora kwangizwa kandi budashobora kwangirika.



## IGITABO CY'URUKUNDO

### **5. NI IGIHE CY'UBWAMI BWA YEZU KRISTU NA SE MU ISI BWUBAKIYE KU RUKUNDO, AMAHORO N'IBYISHIMO**

Imana Data kandi Yezu Kristu mu bumwe asangiye na Se, yaje gushinga ingoma y'urukundo, amahoro n'ibyishimo mu Isi, kuko ari cyo yari amanuye kandi azaniwe mu Isi kugira ngo yubake ubwo bwami bwa Se, kandi yumvikanishe icyo Se ashaka mu Ijuru ko kigomba gukorwa no mu Isi, kandi kigomba kuzuzwa mu Isi, kuko Ijuru ari Ijuru ry'urukundo kandi Ijuru rikaba Ijuru ry'amahoro n'ibyishimo, ubuzima bwacu bwose kandi imibereho yacu yose kuko tuyibamo mu byishimo, kandi tukayibamo mu mahoro n'urukundo, nta wutambamiye undi, nta wubyigana n'undi kandi nta wuhutaza undi, kuko tuba tutabayeho kamere ya muntu, tuba tubayeho kamere y'ubumana.

Ni igihe rero cyo kugira ngo ubwo bwami Yezu Kristu yazanye mu Isi kandi izo mbaraga zikomeye yaje gushinga mu Isi ndetse no kumvikanisha, ni igihe kigeze kugira ngo izo mbaraga zubakwe kandi zinozwe mu bubasha bwacu, nk'abatagatifu kandi mu bubasha bw'Imana Data isumba byose, kuko hari imbaraga zigomba kugaragara kandi hakaba hari imbaraga zigomba kumenyekana mu Isi, zishingiye ku bwami bwa Yezu Kristu asangiye na Se, kuko ari we mwami nyakuganza kandi akaba ari we mwami iteka ryose; bityo ubwami bwe kandi





## IGITABO CY'URUKUNDO

ingoma ye ikaba igomba gukomezwa mu Isi ndetse no kugaragirwa, yubakiye ku rukundo, amahoro n'ibyishimo ku kiremwa muntu.

Niyo mpamvu rero ari igihe cy'urukundo kandi akaba ari igihe koko cy'umwaka w'imbabazi ku bantu, kugira ngo babarire byose kandi barekure byose, basige byose kandi bihambure kuri byose, bityo basingire Kristu we rukundo nyabuzima kandi basingire umusaraba wa Kristu, we rukundo rwababariye byose kandi rugasiga byose, kugira ngo abantu bakire ubwo bubengerane bwa Yezu Kristu, kandi bakire umubiri w'ikuzo we muri bo; bityo batuzwe mu rukundo kandi basenderezwe amahoro n'ibyishimo bimukomokaho.

Niyo mpamvu rero ugomba kwakira kandi uwabonye Yezu Kristu, akamubona koko mu izuka rye kandi akemera ko yatsinze byose, uwo nguwo azasangira umurage na we kandi bakazimana ingoma ya Se hamwe, kuko bazayiturizwamo kandi bagahabwa imbaraga zo kuyituramo, mu bubasha bukomeye bwa Yezu Kristu kuko ari cyo yaje kumvikanisha mu Isi, kandi akaba ari cyo yaje gutorera Mwene Muntu, kugira ngo abone iyo nzira, kandi amenye ko ubwami bwa Se bwamanutse kandi yabumanuye mu Isi, kuko ataje mu Isi kureberera kandi ataje mu Isi kuyisiga uko yayisanze, ahubwo yaje guhindura byose kandi yasize avuze amagambo akomeye, ayavugira hagati mu bigishwa be kandi ayagaragarizamo imbaraga zikomeye, kuko



## IGITABO CY'URUKUNDO

yabatoje gusenga kandi abatoza kumanura ubwami bw'Imana mu Isi, kugira ngo icyo Imana yifuza mu Ijuru gikorwe no mu Isi.

Ni iryo hame rero yasizeho kandi ni izo mbaraga yasize yubatse mu Isi, zidashobora guhinduka kuko ubwami yasize abushinze kandi yabusizeho, akaba ari igihe kigeze kugira ngo bwumvikane mu Isi hose kandi bumenyekane mu mbaraga zabwo; bityo urukundo rutsinde inabi ya Mwene Muntu, kandi urukundo rutsinde inabi ya Sekibi mu bantu, kugira ngo abantu basenderezwe urukundo kuko nta kirusha Imana amaboko, kandi nta kirusha Uhoraho ububasha bwa buri kimwe cyose, kuko n'ibyo abantu bibwira ko bidashoboka kuri Uhoraho bishoboka, kandi n'ibyo abantu babona ko bitakunda kubera imirongo igoramye kandi inzira zigoranye, kuri Uhoraho biroroshye, kuko byose ibyoroshya kandi izari zigoramanze inzira ikazihindura imirongo igororotse; bityo ikandika icyo buri wese ashobora kubona kandi inzira ashobora kugenderamo.

Ni igihe rero cyo kugira ngo ubwami bw'Imana bwumvikane mu Isi hose kandi ubwami bwa Data, amahoro, urukundo n'ibyishimo byumvikane mu kiremwa muntu.

Ku muntu rero mu bwenge bwe ntibishoboka kandi ku mitekerereze ye ntibishoboka, ariko mu bubasha bw'Imana kandi mu cyuzuzo cy'ibikorwa by'Imana, byose birahari kandi bigomba kuzuzwa bikagerwaho, bityo ubwami bugakomera kandi buri wese akiyumvamo urukundo rwa Data, kandi akiyumvamo amahoro akomoka ku busendere bw'Ijuru, kuko



## IGITABO CY'URUKUNDO

intambara zarwanywe ari nyinshi mu Isi, kandi imidugararo yabaye mu Isi ikaba ari myinshi, bityo abantu bakaba bageze aho bagomba kurambirwa, kandi bakaba bageze aho bagomba kurambika, kuko igihe barwaniye kandi igihe babaye mu midugararo, ubwami bw'Isi ntacyo bwabagejejeho kandi ubwami bwa Lusiferi ntacyo bwagejejeho abantu, akaba ari igihe cyo kugira ngo ubwami bw'Imana bwikorere kandi bwigaragaze mu buryo bw'agatangaza.

Ni imbaraga rero zishingiye ku rukundo, kandi ni imbaraga zishingiye ku bumwe, Imana igomba kubaka mu bantu, kugira ngo buri wese yumve ko mugenzi we ari umuvandimwe we, kandi basangiye kamere-Mana, basangiye kamere y'urukundo rw'Imana, kuko buri kiremwa cyose cyahanzwe muri urwo rukundo.

Ni igihe rero kigeze kugira ngo buri kinyabuzima cyose kandi buri kiremwa cyose cyegerane, bityo hatuzwe amahoro mu Isi, kandi ubushyamirane bwose burangizwe, maze ingo y'ubwami bw'Imana yumvikane, imenyekane, kandi yakirwe mu buzima bwa Mwene Muntu.

Ni ububasha rero bukomeye Mwene Muntu adashobora kumva, ariko azashyikamo kandi akabubona, kuko urukundo rw'Imana ari rwo ruzambutsa buri wese, rukamugeza mu bwami bw'iyi ngoma, kandi bukamugeza mu bubasha bw'iyi ngoma y'urukundo, amahoro n'ibyishimo, kuko atari imigani kandi akaba atari ukugenura, ahubwo ari ibikorwa by'ububasha



## IGITABO CY'URUKUNDO

bw'Imana bugomba kwigaragaza, kuko urukundo rw'Imana rufite imbaraga, kandi urukundo rw'Imana rugasumba imitekerereze ya Mwene Muntu, kandi rugasumba ubwenge bwa Mwene Muntu.

Ni igihe rero cyo kugira ngo buri wese afashe hasi, n'ab'intwari bazifashe hasi, bityo bambare urukundo barwitere, bityo batarake babyine ahari amahoro, kandi batarake babyine mu byishimo bashimira Uhoraho wabigaruriye kandi Uhoraho wabangiye inzira mu butayu bityo bakabona inzira, maze abageze hakurya y'imigezi bakumva ibyo byishimo, kandi bagafata inanga bagacuranga, kuko hazaba habayeho ubwami bw'Imana kandi habayeho kwambukiranya kw'Abayisiraheli bava mu bucakara bwa Misiri, maze bakabona urukundo rw'Imana kandi bakabona ineza y'Imana.

Inzira z'Imana rero zirenze ubwenge bwa Mwene Muntu, kandi urukundo rw'Imana nta washobora kururondora, nta n'uwashobora kurupima, nta washobora kugira aho arwandika ngo amenye aho rugarukira, kandi amenye n'uburemere ashobora kuruha.

Niyo mpamvu rero izo mbaraga z'urukundo rw'Imana zigomba kwigaragariza Isi yose, kandi zikamenyekana mu bubasha butavogerwa, mu mbaraga zidakumirwa, bityo buri wese akiyumvamo izo mbaraga kandi akiyumvamo ubwo bubasha bukomeye bw'umusumba byose.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Ni urukundo rero ruzatsinda kandi ni imbaraga zarwo zizatsinda, kuko Yezu Kristu icyo yasezeranye kandi agomba kugisohozwa, n'icyo yemeje akaba agomba kugihamiriza ko ari we wivugiye kandi yigarukiye gukora byose no kuzuza byose.

Ni ingoma rero iteguriwe buri wese mu Isi kandi ni ingoma iteguriwe buri wese, kuko urukundo rw'Imana rwahanze buri kimwe cyose kandi rwaremye buri kimwe cyose muri urwo rukundo.

Niyo mpamvu rero buri wese mu Isi agomba gusukurwa mu buryo bukomeye kandi akanyuzwa mu itanura ry'urwo rukundo kugira ngo avemo ari zahabu nziza yizihye umuremyi, kandi zahabu yarinzwe ingesi zose kandi ikarindwa ikibi cyose, bityo igahabwa koko ububengerane nyakuri bwo kuba mu bwami bw'Imana kandi mu ngoma y'urukundo, amahoro n'ibyishimo igomba gusagamba mu Isi kandi ikaberaho koko ibikorwa bishya by'Uhoraho, kandi ibikorwa by'abatagatifujwe, n'abemeye koko kumesa amakanzu yabo mu maraso y'urukundo rwa Yezu Kristu kuko ari bo bazahonoka ayo magorwa akomeye, kandi bagahonoka ibyago bikomeye, maze bityo bakinjizwa mu rukundo nyakuri, baruhiye kandi bahibibikaniye bemera koko kunyura mu maraso ya ntama kandi bemera kumesa amakanzu yabo, kugira ngo yuzuzwe ububengerane kandi ahabwe koko imbaraga zikomeye, zibatuza muri ubwo bwami Yezu Kristu yateguriye abo akunda kandi mu byicarwo yagiye gutegurira buri wese iruhande rwa Se,



## IGITABO CY'URUKUNDO

kuko ari ubwo bwami yateguriye buri wese kandi agomba kubaho akabubona, maze ibyishimo bya Mwene Muntu bigahoraho kandi bigasesekara mu Isi, bityo buri kiremwa cyose kigaturana n'ikindi mu mahoro, urukundo n'ibyishimo.

Ni imbaraga rero zizigaragaza kandi ni ububasha bugomba kugaragarira Isi yose, kuko urukundo rwatsinze byose kandi urukundo rugahirika byose. Ni imbaraga rero z'urukundo kuko urukundo rugomba guhabwa imbaraga zarwo, kandi urukundo mu Mana Data rukigaragaza, kuko rutigera rwiwishira kandi rutigera rukorera mu mfupfu, ahubwo rukorera ku mugaragaro kandi rugatangaza byose ku mugaragaro.

Ni igihe rero cyo kugira ngo abana b'Imana bumve urukundo kandi abana b'Imana batuzwe mu rukundo, kuko ari igihe cyo gukurwaho imbaraga zose z'umwanzi, kandi akaba ari igihe koko cyo gukurwaho ububasha bwose bw'umwanzi, kuko natwe Yezu Kristu yatugiriye urukundo rukomeye, akadutora muri benshi kandi akadukura muri benshi, bityo akatwambika urukundo rwe kandi akatwuzuzza izo mbaraga z'urwo rukundo, akatugira abagenerwamurage, kandi inkoramutima z'urukundo rwe, kuko yadushyize mu mutima we, bityo turakunda kandi turakundwa na we, maze natwe dukunda bese kandi dutanga iyo nyiturano, na n'uyu muni akaba ari yo tuvomerera Isi yose, kandi akaba ari yo ituma tuzenguruka mu Isi twuzuzza abantu urwo rukundo, kandi tubaha imbaraga kugira ngo urukundo rutazima mu bantu, kandi rudahwama mu bantu, kuko hari



## IGITABO CY'URUKUNDO

byinshi bigenda biruzimya kandi hari byinshi bigenda bihagarika urukundo rw'Imana mu bantu, bityo tukaba twubaka izo mbaraga zikomeye kugira ngo urukundo rutazima, kandi urukundo rutibagirana.

Ni ububasha rero bw'Imana bugomba guhindura byose kandi bukagaragaza byose kuko urukundo rw'Imana rwatsinze kandi rwaremye byose, bityo bigasozwa n'ibyishimo bikomeye byagaragaye mu rukundo rw'Imana, kandi ibyo byishimo bikagaragara mu buremyi bw'Uhoraho, arema byose kandi ashiraho byose, akabona bimunogeye kandi bimushimishije.

Ni igihe rero cyo kugira ngo iyo sura nyakuri, kandi iyo sura yabanjirije Mwene Muntu, kandi iyo sura Uhoraho yaresheje, kugira ngo iture koko muri Mwene Muntu, kandi yongere kubaho muri Mwene Muntu, kuko ari cyo Uhoraho yifurije buri kiremwa cyose kandi yifurije icyo yahanze cyose.

Ni igihe rero cy'iyuzuzwa rya byose kandi ni igihe cy'urukundo kuri buri kimwe cyose, kuko nta na kimwe kitazabaho mu rukundo kandi nta na kimwe kitagomba gutuzwa mu rukundo. Urukundo rero ni ishingiro rya byose kandi urukundo ni imbaraga za byose, mu kubaho muri Uhoraho kandi mu gusabana na we, no guturana na we ubuzima bwa Mwene Muntu bwose, kuko uwatuye muri Uhoraho kandi wamusingiriye, akamushyikira abaho iteka mu byishimo kandi agahora iteka mu mahoro, nta kimwambura ayo mahoro kandi nta kimuvutsa amahoro, ari byo bivuga kunga ubumwe n'Imana



## IGITABO CY'URUKUNDO

Data, kandi gusabana nayo byimazeyo Mwene Muntu yarekuye byose kandi yasize byose akirekurira Uhoraho.

Ni urwo rukundo rero Ijuru ryifuza kandi ni urwo rukundo dutuyemo, rugomba kuba koko mu bwami bwa Yezu Kristu na Se mu Isi, kuri buri kiremwa cyose kuko icyo tugomba gukora kandi icyo Data yifuje ni ukwegera Mwene Muntu kugira ngo tumwereke inzira kandi tumuganisha aheza mu rukundo rw'Imana, kandi mu musabano wayo ushyitse, wuzuye, ushingiyeye ku bwami bwa Yezu Kristu, kandi ku myanya Yezu Kristu yateguriye kandi yagiyeye gutegurira abamukunda n'abemera gukunda aho yanyuze, kandi bakemera kumukunda wese batagize icyo bamubangikanyije, kuko bazabona iyo myanya kandi bakayegurirwa, muri ubwo bubasha n'isezerano yagiriye Mwene Muntu, kandi yagiriye abo akunda bari mu Isi.





## IGITABO CY'URUKUNDO

### UMWANZURO

Urukundo kandi ububasha bw'urukundo rukomoka mu Mana Data, kandi rukaba mu buzima bwa Mwene Muntu. Niyo mpamvu rero uwakunze kandi warekuye byose mu rukundo, ahora iteka muri ibyo byishimo, kandi agahorana iteka imbaraga zikomoka mu wamuhanze, kandi mu bubasha bw'Imana isumba byose.

Urukundo rero abantu barugize akamenyero, kandi urukundo abantu bisobanurira ko baruzi, kandi barufite mu buzima bwabo, buri wese akagira ubwo yishuka, yihenda ko afite urukundo kandi asendereye urukundo, ariko hari imbaraga zikomeye kandi hari ibigomba kugenderwaho kugira ngo koko umuntu agire urukundo, kandi yiyumvemo urwo rukundo, kuko agomba kureba niba koko asabanye n'Imana, kandi yunze ubumwe nayo; bityo akareba koko niba urukundo rwe ruzana umubano mwiza mu bantu, kandi ruzana umubano mwiza mu bo akunda, mu muremyi wa byose, kuko urukundo ruzanira bose ibyiza kandi urukundo rukazanira bose impinduka zikomeye.

Urukundo rero rutanga imbaraga zikomeye kandi urukundo rugatanga koko ubwiyoroshye n'ubwicishe bugufi muri bose, kuko urukundo rwirekurira buri wese, kandi urukundo



## IGITABO CY'URUKUNDO

rukarekura byose, ntihagire ubwo rwigundira cyangwa ngo rwitindeho, rwitekerezeho.

Gukunda rero bisaba uko kwemera gukomeye kandi gukunda bigasaba koko uko kubaha nyako, kubaha buri kiremwa cyose cyahanzwe n'Imana, ukakibonamo iyo shusho y'Imana, kandi ukakibonamo urwo rukundo rw'Imana, kabone n'aho Mwene Muntu yakerezwa no kutita ku rukundo agaragarizwa, ariko impinduka zawe kandi uruhare rwawe, uba ugomba kurutanga, utirengagije ko uri imbere ya mugenzi wawe, kandi utirengagije ko ugomba gukunda mugenzi wawe kugira ngo umubere itara kandi koko ikigaragaza urwo rukundo rwawe ko urufite kandi rukomoka ku muremyi wa byose, ni impinduka mugenzi wawe azibonamo kandi imbuto zawe zikamuhindura, zikamugarura ku isoko y'urwo rukundo uvomaho, kuko bitagenda amara masa kandi urwo rukundo utanga rutagenda amara masa, ahubwo rukurikiranwa kandi rukagaragazwa n'imbuto zirukomokaho, kandi imbuto zirushamikiyeho.

Niyo mpamvu rero gukunda bijyana no kwera imbuto zikwiriye kandi gukunda koko bikajyana no kugaragaza imbuto z'igiti kandi rukajyana koko no kugaragaza ububasha bwawo mu guhindura byose no mu guhindukiza byose, kuko urukundo ari imbaraga kandi urukundo akaba ari ububasha bukomeye.

Ukunda rero abaho koko ubuzima bwe bwose mu byishimo kandi akabaho ubuzima bwe bwose atekereza abandi, kandi



## IGITABO CY'URUKUNDO

iteka areba kure, bityo ntahore yireba, ahubwo akareba abandi, kandi agasakaza izo mbaraga mu bandi.

N'ubwo rero Mwene Muntu yamenyereye ijambo urukundo, kandi akamenyera kuryumva uko ashatse, akaritwara mu bigendanye n'ibiyumviro bye ndetse no kwiyorohera kwe, ariko urukundo rukomoka ku Mana ntabwo rujyana no kwiyorohera, ahubwo rujyana no kwakira byose, bikomotse mu igeno ry'Imana kandi bikomotse mu gushaka kw'Imana, bityo iteka akaba ari byo Mwene Muntu ukunda agenderamo kandi yumvira, iteka bikamuyobora kandi ubwo buyobozi bw'Imana bukamwerekeza koko aho agomba kuroha urushundura rwe kugira ngo azane urwunguko rukomeye kandi ahabwe imbaraga zimukomeza mu cyo ahamagarirwa mu rukundo.

Urukundo rero rushoboza byose kandi rugenda ruha Mwene Muntu inzira zikomeye, zo kubona icyerekezo kandi zo kubona iyo ava n'aho yerekeza, kuko urukundo ari indorerwamo ya bose, kandi urukundo rukaba indorerwamo ya Mwene Muntu yo kwibona aho yanduye kandi akamenya aho yaguye n'aho yagoranye; bityo akagorora vuba yihuse, kandi agasubira mu murongo yihuse kugira ngo atababaza urukundo rwamukunze, kandi atitandukanya n'urukundo rumukunda, kandi rumubumba rukamuha imbaraga zikomeye.

Niyo mpamvu rero gukunda bisaba kwiyoroshya kandi gukunda bigasaba koko guhora Mwene Muntu ateze ibiganza, atiyumva



## IGITABO CY'URUKUNDO

ko yihagije, ahubwo akemera kubaho ayobowe n'urukundo rw'ugushaka kw'Imana, kuko ugushaka kw'Imana, ari ukubaho mu rukundo; kandi ugushaka kw'Imana akaba ari ukubaho mu kumvira n'ibyishimo bya buri muni biganisha ku rukundo rusendereye.

Niyo mpamvu rero urukundo ari byose, kandi urukundo akaba ari inzira nyinshi Mwene Muntu aba agomba kunyuriramo icya rimwe, kandi zose ntizinyuranye n'uwo ari we, kandi ntizinyuranye n'ububasha bumurimo, kuko urukundo rufungurirwa bese ku wurufite kandi urukundo rukaba inzira kandi umuhanda uharuriwe buri wese, bityo buri wese unyuze mu mahanda we akagera ku rukundo, kandi akagera ku ukunda.

Niyo mpamvu rero buri wese urutunze aba arutungiyeye abandi kandi aba abereyeho gukungahaza abandi, kuri icyo ngabirano y'urwo rukundo, kandi ku mbaraga zarwo. Urukundo rero rujyana no gushishoza icyiza ndetse no kumenya icy'ingenzi, bityo akaba rwihatira kandi akaba ari cyo ruha agaciro, kuko urukundo nta na kimwe giteshwa agaciro, kandi kubaho mu rukundo nta na kimwe kirengagizwa, kuko urukundo rufungura byose kandi urukundo rugakingurira bese.

Urukundo rero ni imbaraga Mwene Muntu adashobora kwiyaka, kandi ni imbaraga Mwene Muntu adashobora guhunga, ndetse no kwihunza, kuko urukundo ari byose kandi urukundo akaba ari imbaraga kuri Mwene Muntu mu buryo bw'agatangaza.



## IGITABO CY'URUKUNDO

Ni izo mbaraga rero z'urukundo Mwene Muntu akwiriye kubamo, kuko uwemeye gutanga agatoki ke agaha uwo akunda, amufasha kubona imbaraga zikomeye zo kumwakira wese ndetse no kumwiyumvamo wese.

Gukunda rero bisaba kwitanga kandi gukunda bigasaba kwirekura, kugira ngo koko icyo ushoboye kandi imbaraga utanze, nawe ubona urwunguko rurenze uko ubyiyumvisha, kandi uko wabikoze niko urukundo ruzana urwunguko rukomeye kandi urukundo rukazana koko imbaraga zikomeye kuri Mwene Muntu.

Niyo mpamvu rero nshishikariza buri wese, kandi nkaba nkomeza abana b'Imana, kuko twanyuze mu nzira zose kugira ngo tubereke urukundo, kandi tukemera gufungura amarembo y'urwo rukundo, tugiriwe ubuntu na Yezu Kristu kandi tugiriwe urukundo na Yezu Kristu, natwe tukaba twifuzamo kurutuzamo buri wese, cyane cyane abo ngabo barusaba kandi bahora iteka bagurumana ishyamba ryo kugira urwo rukundo, tukabababugufi ndetse na ba bandi batiyitaho kandi batitekerezaho, ntiduhwema kubarasiraho iyo mirasire y'urukundo kugira ngo nabo bayakire muri bo, kandi bayituzwemo, mu bubasha bukomeye bw'urukundo rw'Imana.

Urukundo rero ni urwa bose, kandi urukundo mu Mana rufunguriwe bose, kuko nta n'umwe ruheza, kereka uwinanirwa, kandi n'udashaka kurwitaho, kuko urukundo Imana yaremeye buri wese ruhari, kandi irufungurira buri wese,



## IGITABO CY'URUKUNDO

igihe cyose, kuko ntawe isubiza inyuma, muri urwo rukundo, kandi ntawe isubiza inyuma mu kubana nayo mu rukundo.

Ni igihe rero cyo kugira ngo buri wese mu Isi amenye urwo rukundo, kandi aruturamo, arwakire rumubere ubuzima, kandi rumubere inkingi ikomeye yo kubaho, ndetse no kwisanisha n'ububasha bw'Imana isumba byose, mu gukunda no kubaha, Mwene Muntu yumvira urukundo rw'Imana kandi arwubahiriza igihe cyose, kuko ari rwo rumufungurira ibyishimo, kandi rukamufungurira imbaraga zikomeye z'ububasha bukomoka mu Mana, umutegetsyi kandi umuremyi wa byose, mu rukundo ndetse n'umugenga wa byose mu rukundo.

Amahoro rero ntore z'Imana kandi nshuti za Yezu Kristu, nkoramutima ze, zakunzwe kandi twakunzwe mu buryo bukomeye bw'urukundo rwe, kugira ngo mukomeze kuruha agaciro kandi mukomeze kurwumva, ko atari urukundo rujyana n'imyumvire ya Mwene Muntu kandi atari urukundo rujyana n'amarangamutima ya Mwene Muntu, ahubwo uwemeye kuvoma ku isoko y'urukundo rwa Yezu Kristu, ahabwe imbaraga kandi agakingurirwa izindi mbaraga zikomeye zigendanye n'urukundo rwe.

Niyo mpamvu rero mpamagarira buri wese kandi nsaba buri wese, kumva mu bwitonzi kandi kwakira mu bwiyoroshye n'ubwicishe bugufi urwo rukundo, akarwakira muri we kandi akaruturamo, kuko ari byo bimuha imbaraga kandi bikamuha



## IGITABO CY'URUKUNDO

ububasha bwo kubana na Yezu Kristu, ndetse no kugenda nawe muri byose.

Amahoro! Ibihe byiza rero kugubwa neza, imbaraga, ukwemera kandi n'ukwizera, byose bishingiye ku rukundo, kandi bikubakira ku byishimo bihoraho by'abavomye ku isoko y'urukundo rwa Yezu Kristu.

**AMAHORO! AMAHORO! IBIHE BYIZA, KUGUBWA NEZA! NDI TEREZA W'UMWANA YEZU. AMAHORO! AMAHORO! NTORE DUKUNDA!**